

DECRET-LOI DU 22 AOUT 1974 PORTANT ORGANISATION DE LA SECURITE SOCIALE.

1 4

Nous, HABYARIMANA Juvénal, Président de la République,

Vu la Proclamation du 5 juillet 1973 du Haut-Commandement de l'Armée Rwandaise, spécialement en son paragraphe 5, 4°;

Revu la loi du 15 novembre 1962 relative à la Sécurité Sociale au Rwanda;

Sur proposition de Notre Ministre de la Santé Publique et des Affaires Sociales et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du 7 juin 1974;

AVONS DECRETE ET DECRETONS :

CHAPITRE I

- CHAMP D'APPLICATION.

Article premier

Il est institué un régime de Sécurité Sociale chargé du Service :

- a) des prestations en cas d'accident du travail et de maladie professionnelle (branche des risques professionnels);
- b) des pensions de vieillesse, d'invalidité et de décès (branche des pensions);
- c) de toutes autres prestations de Sécurité Sociale à instituer ultérieurement en faveur des travailleurs salariés.

ITEGEKO-TEKA RYO KU WA 22 KANAMA 1974 RIGENGA UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI.

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali, Perezida wa Republika,

Tumaže kubona Itangazo ryo ku wa 5 Nyakanga 1973 ryatanzwe n'Abategetsi Bakuru b'Ingabo z'u Rwanda cyane cyane, mu gika cyaryo cya 5, 4°;

Dusubiye mu miterere y'itegeko ryo ku wa 15 Ugushyingo 1962 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi;

Tubisabwe na Ministiri Wacu w'Ubuvuzi n'Ubufatanye bw'Abaturage kandi tumaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Leta yo ku wa 7 kamena 1974;

TWACIYE ITEKA KANDI DUCIYE ITEKA

UMUTWE WA MBERE

ABO RIGENEWE.

Inqingo ya mbere

Hashyizweho ubuyobozi bwerekeye Ubwiteganyirize bw'Abakozi bushinzwe iyi mirimo:

- a) gutanga amafaranga mu gihe cy'ibyago biturutse ku murimo n'indwara zitewe n'akazi (ishami ry'ibyago biturutse ku kazi);
- b) gutanga za pansiyo z'ubusaza, z'ubumuga n'iz'urupfu (ishami rya pansiyo);
- c) n'andi mafaranga yose yerekeve Ubwiteganyirize bw'Abakozi azashyirwaho kugira ngo ahabwe abakozi bahembwa.

Sont assujettis aux dispositions du présent Décretloi :

1 1

- a) les travailleurs soumis aux dispostions du Code du Travail, sans aucune distinction de race, de d'origine, lorsqu'ils sont employés à titre principal sur le territoire national pour le compte d'un ou plusieurs employeurs publics nature, la forme, la montant et la nature de la rémunération;
- b) les membres des services de l'Etat.

Peuvent être assimilés aux travailleurs visés au premier paragraphe du présent article, professionnelles écoles artisanales, les stagiaires et rémunérés.

Les modalités particulières nécessaires à l'application du présent Décret-loi aux travailleurs temporaires ou occasionnels, aux stagiaires, aux apprentis et aux élèves des artisanales seront déterminées par arrêté du Ministre ayant la attributions.

Article 31

Toute personne qui, ayant été affiliée au régime de sécurité Sociale pendant six cesse de remplir les conditions d'assujettissement, a la volontairement affiliée à la condition d'en faire la demande

<u>Ingingo ya 2</u>

Abagengwa n'ingingo z' tegeko-teka ni aba :

- a) abakozi bagengwa n'ingin Z'itegeko rishyira Amategeko Agenga Imiri ntatandukanya ry'ubwok ry'ubwenegihugu, ry'igitsi bakora mu Rwanda bakore umukoresha umwe cyangwa kamere y'amapatano n'ukumushahara umeze.
- b) abakozi ba Leta

Bashobora kubarwa mu bakozi bavuzwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, abiga mu mashuri y'imyuga cyangwa y'imirimo, abamenyerezwa n'abitoza imirimo ndetse n'iyo badahembwa.

Uburyo bwihariye ngombwa mu ikurikizwa ry'iri Tegeko-teka ku bakozi badakora igihe cyose Cyangwa abisumamo, ku bimenyereza, ku bitoza no ku biga mu mashuri y'imyuga cyangwa y'imirimo buzashyirwaho Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Ingingo 3

Umuntu wese, winjiye mu akabumaramo nibura amezi atandatu akurikiranye, nyuma n tashobore gukomeza kubwandikwamo, afite bwe, bwo kugumya kwandikwa mu abisabye mu mezi atandatu

dans les six mois qui suivent la date à laquelle son affiliation obligatoire a pris fin.

11

Un Arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions détermine les modalités d'application de l'assurance volontaire prévue à l'alinéa 1 du présent article.

Le bénéfice de l'assurance volontaire à la branche des pensions aux travailleurs salariés peut être étendu également aux travailleurs non salariés par un arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

CHAPITRE II

ORGANISATION ADMINISTRATIVE.

Article 4

La Caisse Sociale chargée de la gestion du régime de Sécurité Sociale institué par le présent Décret-loi est un établissement public doté de la personnalité civile et de l'autonomie financière. Elle est placée sous la garantie de l'Etat. Le ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions assure la tutelle de la Caisse Sociale.

La Caisse Sociale peut notamment :

- a) recevoir de l'Etat ou des collectivités publiques des avances et des subventions.
- b) recevoir des dons et legs,
- c) acquérir à titre onéreux ou aliéner tout bien meuble et, sous réserve de l'autorisation du Ministre

akurikira itariki iyandikwa rye ryabitegetse mu Bwiteganyirize bw'Abakozi ryarangiriye.

Iteka rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi rigena uko Ubwiteganyirize budategetswe, buteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, buzakurikizwa.

Uburenganzira bwo kwinjira mu bwiteganyirize budategetswe mu ishami ry'abanyapansiyo, bushobora guhabwa abakozi badahembwa biteganyijwe n'Iteka rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

UMUTWE WA KABIRI

IMITEGEKERE YAYO.

Ingingo ya 4

Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ishinzwe kwita ku Buyobozi bw'uko kwiteganyiriza kw'Abakozi gushyizweho n'iri tegeko-teka, ni ikigo cy'Igihugu gishobora kwihagararira no kwigenga ku mari yacyo, yishingiwe na Leta. Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi agenzura Isanduku y'Abakozi mu mirimo yayo.

I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ifite uburenganzira :

- a) bwo kugurizwa cyangwa se guhabwa imfashanyo na Leta n'ibindi bigo bitagengwa na Leta;
- b) bwo kwakira ibyo ihawe cyangwa irazwe;
- c) bwo kwigurira cyangwa se kugurisha ibikoresho byoroshye, ariko ku bintu bikomeye hagomba uruhusa rwa

ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions, tout bien immeuble.

4

i conclure des baux relatifs à des immeubles pour les besoins de ses services.

Le siège de la Caisse Sociale est fixé à Kigali.

Article 5

La Caisse Sociale est aiministrée par un Conseil d'Administration. Un arrêté présidentiel pris sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions, détermine la du Conseil composition i'Administration, les conditions de désignation et le nombre des représentants de l'Etat, des travailleurs et des amployeurs, la durée de leur mandant et les modalités de fonctionnement du Conseil d'Administration.

Article 6

La gestion journalière de la Caisse Sociale est assurée par le Directeur. Le Directeur est nommé par le Président de la République sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. Il peut être mis fin à ses fonctions selon la même procédure.

Le Directeur est responsable de l'exécution des décisions du Conseil d'Administration, de la direction des services de la Caisse Sociale et à ce titre il est chargé:

a) d'établir les instructions n é c e s s a i r e s au fonctionnement de la Caisse Sociale et à la gestion des diverses branches du régime de Sécurité Sociale. Ministri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

d) bwo gukodesha amazu iyo ari ngombwa ku mirimo yayo.

Intebe y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ishinzwe i Kigali.

Ingingo ya 5

Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi igengwa n'Inama y'Ubutegetsi. Iteka rya Perezida rifashwe bisabwe na M i n i s t i r i u s h i n z we Ubwiteganyirize bw'Abakozi rishyiraho abagize iyo Nama, rikerekana uko bashyirwaho n'umubare w'abahagarariye Leta, abakozi n'abakoresha, igihe ubutumwa bwabo buzamara, kandi rikangena imikorere y'iyo Nama.

Ingingo ya 6

Ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, bushinzwe Umuyobozi. Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashyirwaho na Perezida wa Republika, abisabwe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Ashobora no gukurwaho babigenjeje batyo.

Umuyobozi ni we ushinzwe ikurikizwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi, n'iyobora ry'imirimo y'Isanduku y'Abakozi, kandi kubera iyo mpamvu ategetswe:

a) gutanga inyigisho ngombwa z'akazi k'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi n'iz'ubutegetsi bw'amashami y o se y'u b u y o b o zi b w'U b w i t e g a n y i r i ze bw'Abakozi; au Conseil d'Administration le projet de budget, les comptes annuels et un rapport annuel d'activités sur le fonctionnement de Caisse Sociale.

11

- c) de procéder à l'ordonnancement des budgets de la Caisse, en ce qui concerne les frais de gestion administrative; il le fait dans les limites de la délégation qui lui est faite par le Conseil d'Administration lors de l'approbation du budget;
- d) de procéder au recrutement et aux mouvements du personnel de la Caisse Sociale autre que le personnel de direction selon les règles fixées par le Conseil d'Administration et approuvées par le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

Le Directeur assiste à toutes les séances du Conseil d'Administration avec voix consultative.

Article 7

Le Directeur est assisté d'un Directeur-adjoint nommé par Arrêté Présidentiel sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions, après avis du Conseil d'Administration de la Caisse Sociale.

Article 8

Le statut du personnel de la Caisse Sociale est fixé par arrêté présidentiel.

Article 9

Un Commissaire du Gouvernement est nommé par le

- b) gutegura no guha Inama y'Ubutegetsi umushinga w'amafaranga azakoreshwa, ayakoreshejwe mu mwaka na raporo y'umwaka ushize;
- c) gutegura amafaranga azakoreshwa n'Isanduku mu byerekeye ubutegetsi bwayo, ariko mu kubikora ntashobora kurenza uburenganzira yahawe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'igenwa ry'ayo mafaranga;
- d) kwita kw'iyinjiza no ku mikorere y'Abakozi b'Isanduku akurikije amategeko yashyizweho n'Inama y'Ubutegetsi kandi yemewe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Umuyobozi ajya mu nama y'ubutegetsi, ariko ntatora.

<u>Ingingo ya 7</u>

Umuyobozi afashwan'Umuyobozi w'umusigire ushyirwaho n'Iteka rya Perezidawa Repubulika bisabwe na Ministiri ushinzwe iby'Ubwiteganyirize bw'Abakozi amaze kwumva icyemezo cy'Inamay'Ubutegetsi bw'Isandukuy'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Ingingo ya 8

Amategeko agenga abakozi b'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Republika.

<u>Ingingo ya 9</u>

Umugenzuzi w'imikoreshereze y'imari ashyirwaho n'iteka rya Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. Il a pour mission de vérifier les opérations financières de la Caisse Sociale et de faire rapport au Ministre.

Le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions fixe le montant de l'indemnité allouée au Commissaire du Gouvernement à charge de la Caisse Sociale ainsi que la durée de son mandat.

CHAPITRE III

RESSOURCES ET ORGANISATION FINANCIERE.

Article 10

Les ressources de la Caisse Sociale sont constituées par :

- a) les cotisations destinées au financement des différentes branches du régime de Sécurité Sociale;
- b) les majorations encourues pour cause de retard dans le paiement des cotisations et les intérêts moratoires;
- c) les produits des placements de fonds;
- d) les dons et legs;
- e) toutes autres ressources attribuées à la Caisse Sociale par un texte législatif ou réglementaire.

Les ressources de la Caisse Sociale ne peuvent être utilisées qu'aux fins prévues par le présent Décret-loi et pour couvrir les frais d'administration indispensables au fonctionnement du régime.

Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Ashinzwe kugenzura imikoreshereze y'imari y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi agaha na Ministiri raporo.

Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi agena umubare w'amafaranga azahabwa uwo mugenzuzi akazishyurwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, kandi akagena n'igihe ubutumwa bwe buzamara.

UMUTWE WA III

AHO IMARI IVA N'UKO IKORESHWA.

Ingingo ya 10

I m a r i y ' I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ikomoka :

- a) ku mafaranga bakorakoranya yagenewe gukoreshwa mu m a s h a m i y o se y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- b) ku yiyongeraho biturutse ku mpamvu z'itinda mu iyishyura ry'amafaranga bakorakoranya n'inyungu yayo;
- c) ku rwunguko ruturuka aho babika imari y'Isanduku;
- d) ku mfashanyo cyangwa indagano;
- e) ku yandi mafaranga Isanduku y'Abakozi ihabwa n'amategeko.

Amafaranga y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ntashobora gukoreshwa ahandi, uretse ku mpamvu zateganyijwe n'iri tegeko-teka no kuriha amafaranga ngombwa ku mikorere yayo.

Article 11

Les règles relatives à la comptabilité de la Caisse Sociale sont fixées par arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

i i

Chacune des branches du régime de Sécurité Sociale fait l'objet d'une gestion financière distincte.

Le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions détermine par Arrêté pris après avis du Conseil d'Administration de la Caisse Sociale, la part des frais d'administration à imputer à chacune des branches.

Article 12

Les cotisations dues à la Caisse Sociale sont assises sur l'ensemble des rémunérations perçues par les personnes assujetties, y compris les indemnités, primes, gratifications, commissions et tous autres avantages en espèce ainsi que la contrevaleur des avantages en nature, mais à l'exclusion des remboursements des frais et des prestations familiales légalement versées par l'employeur.

L'évaluation des avantages en nature est faite conformément aux règles prescrites par Arrêté du Ministre ayant le Travail et la Sécurité Sociale dans ses attributions.

Pour certaines catégories de travailleurs ou assimilés, les cotisations peuvent être assises sur des rémunérations forfaitaires fixées par le Conseil d'Administration de la Caisse Sociale et approuvées par le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

<u>Ingingo ya 11</u>

Amategeko yerekeye kontabilite y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashyirwaho n'iteka rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Imari ya buri shami ry'Ubwiteganyirize bw'Abakozi igira imitegekere yayo ukwayo.

Ministri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashyiraho Iteka rigena umubare w'amafaranga atangwa na buri shami mu mitegekere yayo, amaze kumva icyemezo cy'Inama y'Ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

<u>Ingingo ya 12</u>

Amafaranga bakorakoranya y a g e n e w e I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashingiye ku mishahara yose ihembwa abantu bagengwa n'iri tegeko-teka harimo inyongera, ibihembo, ubutumwa n'izindi nyungu zose z'amafaranga ndetse n'amafaranga ahwanye n'ibyo u m u k o z i a b o n a b i t a ri amafaranga, ariko ukuyemo isubizwa ry'amafaranga yatanzwe n'umukoresha ku buryo buhuye n'itegeko.

Igereranya ry'ikiguzi cy'ibintu umukozi ahabwa n'umukoresha rikorwa rikurikije amategeko yashyizweho n'iteka rya Ministri ushinzwe Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Ku bakozi bamwe na bamwe cyangwa abandi bashobora kubarwa mu bakozi amafaranga akorakoranywa ashobora gushingira ku mishahara yose ishyizweho n'Inama y'ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kandi yemewe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

1 1

Le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions peut également décider que, pour le personnel domestique ainsi que pour d'autres catégories de travailleurs, les cotisations soient fixées d'après les classes de salaires, et prescrire des modalités particulières pour le recouvrement des cotisations.

Article 13

Les taux de cotisations sont fixés en pourcentage des rémunérations soumises à cotisation, de manière que les recettes totales de chaque branche permettent de couvrir l'ensemble des dépenses de prestations de cette branche, partie des frais d'administration qui s'y rapporte et de disposer du montant nécessaire à constitution des diverses réserves et des fonds de roulement.

Les taux de cotisation sont fixés par Arrêté Présidentiel sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. Ils peuvent être revisés selon la même procédure, après avis du Conseil d'Administration de la Caisse Sociale. La révision intervient obligatoirement dans les cas visés à l'article 18 du présent Décret-loi.

Le taux de cotisation de la branche des risques professionnels fixé conformément aux dispositions de l'Arrêté Présidentiel prévu à l'alinéa précédent peut être majoré jusqu'à concurrence du double à l'encontre d'un employeur qui ne se conforme pas aux prescriptions des autorités compétentes en matière de prévention des accidents du travail et en matière d'hygiène et de

Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashobora kandi kwemeza ko, ku bakozi bo mu ngo no ku nzego zindi z'abakozi, amafaranga akorakoranwa ashingira ku irutanwa ry'imishahara, no gushyiraho uburyo bwihariye bwo kwinjiza ayo mafaranga.

<u>Ingingo ya 13</u>

Imigabane y'amafaranga atangwa ishyirwaho bakurikije ibice by'ijana by'imishahara igomba kubarirwaho iyo migabane, ku buryo amafaranga yinjira yose hamwe ya buri shami atuma bariha agomba gukoreshwa muri iryo shami, no kuzigama andi mafaranga ahagije.

Imigabane y'amafaranga bakorakoranya ishyirwaho n'iteka rya Perezida, abisabwe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Ishobora gusubirwamo bakurikije ubwo buryo, nyuma y'icyemezo cy'Inama y'Ubutegetsi bw'Isanduku y'Abakozi. Isubirwamo rigomba kuba ku buryo butegetswe mu bihe bivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko-teka.

Imigabane itangwa mu guteganyiriza ibyago biturutse ku kazi, ishyirwaho nk'uko biteganywa n'Iteka rya Perezida rivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ishobora gukubwa kabiri ku mukoresha udakurikiza amabwiriza y'abategetsi bagenewe ibyerekeye kurwanya gisida zituruka ku kazi, no mu by'isuku ku kazi.

sécurité sur les lieux de travail.

Le taux de cotisation de la branche des pensions est fixé de manière à assurer la stabilité de ce taux et l'équilibre financier de la pranche des pensions pendant une période allant de dix à quinze ans.

14

Si les recettes provenant des cotisations et du rendement des fonds d'une branche sont inférieures aux dépenses courantes de prestations et d'administration de cette branche, le taux de cotisation est relevé, selon la procédure décrite à l'alinéa 2 du présent article, de manière à garantir l'équilibre financier pendant une nouvelle période.

Article 14

La cotisation de la branche des risques professionnels est à la charge exclusive de l'employeur. La cotisation de la branche des pensions est répartie entre le travailleur et son employeur à raison de 50 % du taux du montant de la cotisation fixé par Arrêté Présidentiel pris en application de l'article 13 alinéa 2 du présent Décret-loi.

Ces pourcentages peuvent être revisés par Arrêté Présidentiel sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

L'employeur est débiteur vis-à-vis de la Caisse Sociale de la cotisation totale et responsable de son versement y compris la part mise à la charge du travailleur qui est précomptée sur la rémunération de celui-ci lors de chaque paie.

Umugabane w'amafaranga akorakoranywa w'ishami rya pansiyo ushyirwaho ku buryo udahindagurika kandi n'imari y'iryo shami ikamara imyaka icumi cyangwa cumi n'itanu idahungabana.

Iyo amafaranga yinjira n'aboneka mu nyungu y'ayo babitse ya buri shami ari hasi y'akoreshwa muri iryo shami, umugabane w'akorakoranywa wongerwa bakurikije ibyanditswe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ku buryo imari idahungabana mu gihe kizaza.

<u>Ingingo ya 14</u>

Amafaranga bakorakoranya y'ishami ry'ibyago bituruka ku kazi atangwa n'umukoresha gusa. Amafaranga bakorakoranya y'ishami rya pansiyo agabanywa umukozi n'umukoresha umwe agatanga mirongo itanu ku ijana y'umubare w'umugabane ushyirwaho n'Iteka rya Perezida nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 13, igika cya 2, y'iri tegeko-teka.

Iyo migabane ishobora gusubirwamo n'Iteka rya Perezida abisabwe na Ministiri ushinzwe Urwiteganyirize bw'Abakozi.

Umukoresha ni we ushinzwe gutanga amafaranga yose mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kandi agomba kuyohereza ashyizemo n'umugabane umukozi agomba gutanga bafata ku mushahara we igihe cy'ihemba.

17

L'employeur ne peut récupérer à la charge de l'assuré le montant de prélèvement qu'il a omis d'effectuer au moment du paiement de la rémunération.

Les cotisations de l'employeur restent définitivement à sa charge, toute convention contraire étant nulle de plein droit. Si un travailleur est occupé au service de deux ou plusieurs employeurs, chacun des employeurs est responsable du versement de la part des cotisations calculées proportionnellement à la rémunération qu'il paie à l'intéressé.

L'employeur verse les cotisations globales dont il est responsable dans le mois qui suit l'expiration du trimestre auquel elles se rapportent selon les modalités fixées par Arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

L'employeur qui ne verse pas les cotisations dans le délai prescrit est passible d'une majoration du montant des cotisations de 1,5 % par mois ou fraction de mois de retard payable en même temps que les cotisations. Le recours introduit devant les tribunaux n'interrompt pas le cours des majorations de retard.

Le paiement des cotisations et des majorations de retard est garanti par un privilège sur les biens meubles et immeubles du débiteur, qui prend rang immédiatement après celui garantissant le paiement des salaires.

Umukozi ntabwo ashobora na rimwe kwanga ko bafata ayo mafaranga ku mushahara we.

Umukoreha na we ntabwo ashobora gufata ku mushahara w'umukozi amafaranga yibagiwe gufata mu ihemba ryarangiye.

Amafaranga y'umukoresha ayatanga ku giti cye, andi masezerano anyuranyije n'iri tegeko-teka nta gaciro afite. Niba umukozi akorera abakoresha babiri cyangwa benshi, buri mukoresha agomba gutanga amafaranga akurikije umushahara umukozi afata.

Umukoresha atanga amafaranga akorakoranywa yose, mu kwezi gukurikira igihembwe yabaruweho, akurikije uko iteka rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi ribigena.

Umukoresha udatanga amafaranga akorakoranywa mugihe gitegetswe acibwa inyongera yayo mafaranga ihwanye na 1,5 ku ijana buri kwezi cyangwa igice cy'ukwezi kw'ikererwa kandi ikarihirwa rimwe n'amafaranga akorakoranywa. Urubanza rushyizwe imbere y'inkiko ntiruhagarika ikomeza ry'ibarura ry'iyo nyongera.

Iyishyurwa ry'amafaranga akorakoranywa n'ayongerwaho kubera gutinda ashobora kuva mu by'umukoresha utishyura atunze byose akarihwa mbere y'indi myenda ye yose uretse gusa imishahara y'abakozi.

1

â

cl

m

d

d

p

m

(

1

m

D

10

d

С

Ca

U.

0!

Sa la Le relevé de toutes les sommes dues établi par la Caisse, après l'envoi à l'employeur d'une mise en demeure recommandée avec accusé de réception laquelle peut être éventuellement transmise par l'intermédiaire de l'Inspection du Travail, d'une autre autorité administrative ou d'un agent de l'ordre public et dûment certifié par le Directeur Général du Travail et le la Sécurité Sociale, a force exécutoire.

Toutefois, la certification ne prendra effet qu'à l'expiration d'un délai d'un mois à compter de la réception par l'employeur de la mise en demeure et, si durant ce délai, l'employeur la pas introduit un recours devant la Commission de Recours dracieux de la Caisse Sociale pour contester la réalité ou le contant de la dette.

Un Arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions précise les tormes de la mise en demeure et du relevé des sommes dues ainsi que les conditions de certification dudit relevé et selles dans lesquelles l'employeur peut introduire un recours.

Les employeurs sont tenus de produire avec le versement de leurs cotisations et dans le rôme délai, un relevé nominatif es salaires payés. Le défaut de sa production aux échéances rescrites entraîne une ajoration, au profit de la alsse Sociale de cinquante rancs par salarié, avec un Eximum de cinq mille francs ar employeur. En outre, orsque le relevé des salaires se base du calcul otisations n'a pas été ommuniqué à la Caisse Sociale, taxation provisoire est lifectuée sur la base des salaires ayant fait l'objet de déclaration la plus récente,

Igiteranyo cy'amafaranga yose cyakozwe n'Isanduku, kandi cyemejwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Übwiteganyirize bw'Abakozi kigomba gukurikizwa iyo umukoresha yihanangirijwe n'ibarwa nshingano ayishyikirijwe n'Umugenzuzi w'Imirimo, cyangwa se n'undi mukozi wa Leta ubifitiye uburenganzira. Ariko kandi, iryo yemeza ntirishobora kuba mbere y'iminsi mirongo itatu uhereye ku munsi umukoresha yihanangirijweho, kandi niba muri icyo gihe umukoresha atarigeze aregera Inama irenganura y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ahakana ko ibyo bamushinja byo cyangwa umubare atari w'amafaranga bamwishyuza.

Iteka rya Ministri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi r i g e n a u b u r yo b w'uk w i h a n a n g i r i za n'ubw'igiteranyo cy'amafaranga agomba gutangwa, impamvu zihamya icyo giteranyo n'ubundi buryo umukoresha ashobora gukoresha yiregura.

Abakoresha bategetswe gutangira icyarimwe amafaranga bakorakoranya n'urupapuro rwanditsweho amazina y'abakozi n'imishahara bahembwa. Kutarutanga mu bihe byateganyijwe, bituma hiyongeraho amafaranga 50 kuri mukozi, buri kugeza mafaranga ibihumbi bitanu ntarengwa kuri buri mukoresha. Ikindi kandi igihe umubare w'imishahara bakorakoranya utamenyeshejwe, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ica amafaranga ishingiye ku mishahara bafatiyeho babara ay'igihe gishize, hakongerwaho 25 ku ijana.

majorée de vingt cinq pour cent.

 $f \neq$

Lorsque la comptabilité d'un employeur ne permet pas d'établir le chiffre exact des salaires payés par lui à un ou plusieurs de ses salariés, le montant des salaires est fixé forfaitairement par la Caisse Sociale, en fonction du taux des salaires pratiqués dans la profession.

La procédure de recouvrement visée à l'alinéa 7 du présent article s'applique à la taxation provisoire qui perd sa valeur de créance si l'employeur produit la déclaration des salaires réellement versés durant la période considérée.

Article 15

Il est constitué dans la branche des risques professionnels une réserve technique, une réserve de sécurité et un fonds de roulement.

Le montant de la réserve technique de la branche des risques professionnels doit être égal à douze fois la valeur des rentes annuelles attribuées, arrêtées au dernier jour de l'exercice comptable.

Le montant de la réserve de sécurité de la branche des risques professionnels ne peut être inférieur au montant total des dépenses constatées dans cette branche au cours des deux derniers exercices comptables exception faite des rentes payées aux victimes et aux ayants droit.

Le montant du fonds de roulement de la branche des risques professionnels est égal à un quart de l'ensemble des dépenses constatées dans cette I y o k o n t a b i l i te y'umukoresha iterekana neza umubare w'ukuri w'imishahara yahembwe umukozi umwe cyangwa benshi, umubare w'imishahara u sh y i r w a h o n' I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ikurikije imishahara isanzwe ihembwa muri ako kazi.

Uburyo bwo kwishyuza amafaranga bwavuzwe mu gika cya 7 cy'iyi ngingo buca amafaranga by'agateganyo ariko bakayamusubiza iyo umukoresha avuze imishahara yahembwe muri icyo gihe.

Ingingo ya 15

Mu ishami ryo guteganyiriza ibyago biturutse ku kazi hashyizweho amafaranga ahabwa abagiriye ibyago ku kazi niba ayabiteganyirijwe adahagije n'ayo gukoreshwa.

Umubare w'amafaranga ateganyirijwe mu ishami ry'abagize ibyago ku kazi, agomba kungana n'incuro 12 z'amafaranga yahawe abagize ibyago ku kazi mu mwaka ushize.

Amafaranga ateganyijwe kuzahabwa abaqiriye ibyago ku kazi mu gihe abiteganyirijwe adahagije, ntashobora kujya munsi y'ayakoreshejwe muri iryo shami mu myaka ibiri iheruka, ukuyemo ayo bahaye abagize ibyago ku kazi n'abo nyir'ugupfa yasize.

Umubare w'amafaranga y'ibikoreshwa mu ishami ry'abagize ibyago ku kazi ungana na kimwe cya kane cy'amafaranga yose yakoreshejwe branche au cours du dernier exercice.

14

Il est constitué dans la branche des pensions une réserve qui résulte de la différence constatée entre les recettes et les dépenses et dont le montant ne peut être inférieur au total des dépenses constatées dans cette branche au cours de trois derniers exercices.

Le montant du fonds de roulement de la branche des pensions est égal à un quart des dépenses constatées dans cette branche au cours du dernier exercice comptable.

Article 16

Le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions fixe à titre provisoire le montant des réserves de chacune des branches, jusqu'à ce que les données comptables et statistiques permettant de calculer ces réserves conformément aux dispositions de l'article 15 ci-dessus, aient pu être réunies.

Article 17²

Un Arrêté conjoint du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions et du Ministre ayant des Finances dans ses attributions détermine les règles de placement des fonds accumulés.

Ces fonds sont placés à moyen ou à long terme selon un plan financier établi par le Conseil d'Administration et approuvé par le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. Ce plan financier doit réaliser en premier lieu la sécurité réelle des fonds et viser en outre à obtenir un rendement optimal des fonds placés et dans la mesure du possible, à concourir

muri iryo shami mu mwaka uheruka.

Mu byerekeye ishami rya pansiyo hateganyijwe amafaranga angana n'asigara ufashe ayinjiye ugakuramo ayasohotse muri iryo shami, ariko nta na rimwe agomba kuba hasi y'ayakoreshejwe mu myaka itatu iheruka.

Umubare w'amafaranga y'ibikoreshwa mu ishami rya pansiyo angana na kimwe cya kane cy'ayakoreshejwe muri iryo shami mu mwaka uheruka.

Ingingo ya 16

Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashyiraho by'agateganyo umubare w'amafaranga ateganywa ya buri shami kugera igihe ibitangwa na kontabilite na statistike bituma bashobora kubara amafaranga agomba guteganywa nk'uko bivugwa mu ngingo ya 15 hejuru bibonetse.

<u>Ingingo ya 17</u>

Iteka rya Minisitiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi n'ushinzwe Imari y'Igihugu, rigena amategeko yo ku bitsa amafaranga akorakoran; wa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Ayo mafaranga abikwa mu gihe gito cyangwa kirekire hakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'Inama y'Ubutegetsi kandi yemewe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi ateye. Ayo mabwiriza agomba mbere na mbere gutuma imari idahungabana no gushaka kandi uko ayo mafaranga agira akamaro, kandi agakoreshwa mu buryo bwo gutsura amajyambere

au progrès social et au développement économique de la Nation.

Article 18

Si le montant de la réserve de l'une des branches devient inférieur à celui fixé conformément à l'article 15 du présent Décret-loi, le Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions propose la fixation, selon la procédure définie à l'article 13, d'un nouveau taux de cotisation susceptible de rétablir l'équilibre et de relever le montant de la réserve au niveau prévu, dans un délai de trois ans au plus.

Article 19

La Caisse Sociale effectue au moins une fois tous les cinq ans l'analyse des opérations financières et les estimations actuarielles des différentes branches du régime de Sécurité Sociale.

Si l'analyse révèle un danger de déséquilibre financier dans une branche déterminée, il est procédé au réajustement du taux de cotisations de cette branche selon la procédure prévue à l'article 13 du présent Décretloi.

Pendant les trois années premières de fonctionnement du régime des pensions, le Conseil d'Administration de la Caisse Sociale devra examiner à chaque fin de semestre l'évolution des recettes et des dépenses de cette branche et proposer, si nécessaire, le réajustement sus-visé du taux de cotisation.

mu baturage kandi akazamura ubukungu bw'Igihugu.

Ingingo ya 18

Iyo amafaranga ateganyijwe muri buri shami agiye hasi y'umubare wateganyijwe mu ngingo ya 15 y'iri Tegeko-teka, Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi asaba, nk'uko byateganyijwe mu ngingo ya 13,gushyiraho undi mubare w'amafaranga atangwa n'abakozi n'abakoresha ku buryo bushobora kuringaniza kandi bukazamura umubare w'amafaranga abitse mu gihe kitarenga imyaka itatu.

<u>Ingingo ya 19</u>

Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi,isuzuma nibura rimwe mu myaka itanu imikoreshereze y'imari y'Isanduku n'amafaranga ashobora kuzagenwa muri buri shami ry'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Iyo iryo suzuma risanze hashora kuba ubuhungabane bw'imari mu ishami iryo ari ryo ryose bagomba kongera umugabane w'amafaranga nk'uko biteganwa mu ngingo ya 13 y'iri Tegekoteka.

Mu gihe cy'imyaka itatu ya mbere y'imikorere y'ishami rya pansiyo, Inama y'Ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi igomba gusuzuma iteka buri mezi atandatu umubare w'amafaranga yinjiye n'ayasohotse muri iryo shami kandi byaba ngombwa bakongera nk'uko byavuzwe haruguru, umugabane w'amafaranga atangwa n'abakozi n'abakoresha.

CHAPITRE IV

RISQUES PROFESSIONNELS.

Erticle 20

Est considéré comme accident du travail quelle qu'en soit la cause l'accident survenu à un travailleur par le fait ou à l'occasion du travail, qu'il y ait ou non faute de sa part.

Est assimilé à un accident du travail, l'accident survenu à un assuré pendant le trajet de sa résidence, ou du lieu où 11 prend ordinairement ses repas au lieu où il effectue son travail ou perçoit sa rémunération et vice-versa, ians la mesure où le parcours n'a pas été interrompu ou détourné pour un motif dicté par l'intérêt personnel ou indépendant de l'emploi. Il en est de même des accidents survenus pendant les voyages dont les frais sont supportés par l'employeur.

Est considéré comme maladie professionnelle toute maladie causée par le fait et à l'occasion de l'exécution du travail.

Les dispositions du présent Décret-loi relatives aux accidents du travail sont applicables aux maladies professionnelles. La date de la première constatation médicale de la maladie est assimilée à la date de l'accident.

Un arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions, établit la liste des maladies considérées comme des maladies professionnelles avec en regard, la liste des travaux, procédés et professions comportant la manipulation et l'emploi des agents nocifs ou s'effectuant dans des conditions particulières exposant les

UMUTWE WA IV

IBYAGO BITURUTSE KU KAZI.

Ingingo ya 20

Icyo bita ibyago bikomoka ku kazi ni ikigwirira umukozi cyose ku murimo we, ryaba ikosa rye cyangwa ritaba irye.

Ikindi bita icyago gikomoka ku kazi ni ikigwirira umukozi igihe ava iwe mu rugo, cyangwa aho asanzwe arira, ajya ku kazi, aho ahemberwa ari mu igaruka bareba kandi ko atanyuze mu nzira cyangwa ngo ace indi nzira ku mpamvu ze bwite cyangwa ziterekeye akazi. Ibindi bisa nk'ibyo ngibyo ni nk'iyo agize ibyago ari mu rugendo rwishyurwa n'umukoresha.

Indwara ikomoka ku kazi ni indwara ifata umuntu bitewe n'akazi akora cyangwa n'impamvu iturutse kuri ako kazi.

Amategeko avugwa muri iri Tegeko-teka yerekeye ibyago bikomoka ku kazi akurikizwa no mu byerekeye indwara ziterwa n'akazi. Itariki Muganga asuzumiyeho ubwa mbere indwara, ifatwa nk'aho ari yo tariki umuntu agiriyeho gisida.

Iteka rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi, rishyiraho listi y'indwara babona zaturuka ku mirimo, n'ibisobanuro by'ibikoresho cyangwa imyuga bishobora guhungabanya ubuzima cyangwa se iyo bikorwa mu buryo busanzwe butuma abakozi bategejwe ku buryo bugaragara, ibibatera ubwandure bw'izo ndwara.

travailleurs de façon habituelle au risque de contracter ces maladies.

Les maladies professionnelles qui se déclarent après la date à laquelle le travailleur a cessé d'être exposé au risque de contracter ces maladies sont prises en charge si elles se déclarent dans les délais indiqués sur cette liste.

L'employeur est tenu d'aviser par copie l'Inspecteur du Travail du ressort et la Caisse Sociale du Rwanda dans un délai de 48 heures, des accidents du travail survenus o u des maladies professionnelles dont sont victimes les salariés occupés dans l'entreprise.

Les modalités de déclarations des accidents du travail et des maladies professionnelles seront déterminées par Arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions après avis de la Commission consultative du travail.

Article 21

Les prestations servies par la Caisse Sociale du Rwanda comprennent:

- a) les soins médicaux nécessités par la lésion résultant de l'accident, qu'il y ait ou non interruption du travail;
- b) en cas d'incapacité temporaire du travail, l'indemnité journalière;
- c) en cas d'incapacité permanente, totale ou partielle, la rente ou l'allocation d'incapacité;
- d) en cas de décès, les rentes de survivants et

Indwara ziturutse ku kazi zigaragara nyuma y'itariki umukozi yarekeyeho akazi gashobora gutuma yandura indwara, zemerwa iyo zigaragaye mu gihe kitarenze icyanditswe kuri iyo lisiti.

Umukoresha ategetswe kumenyesha Umugenzuzi w'Imirimo w'akarere arimo n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu gihe cy'amasaha 48, za gisida z'akazi zabaye cyangwa se indwara zituruka ku kazi abakozi bakora mu kigo cye baba barwaye.

Uburyo bwo kumenyesha za gisida cyangwa indwara ziturutse ku kazi buzashyirwaho n'itegeko rya Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi amaze kumva icyifuzo cy'Inama ireba iby'imirimo.

Ingingo ya 21

Amafaranga atangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi akoreshwa:

- a) mu kuvurirwa ubusa igihe umukozi afite indwara iturutse ku cyago cy'akazi, yaba akariho cyangwa atakariho;
- b) mu gutangwa iyo umukozi afite ubumuga buzakira vuba;
- c) mu gutangwa igihe atagishoboye kuyakorera bitewe n'ibyo byago, yabinanirwa mu gihe gito cyangwa se burundu;
- d) mu ihamba ry'umukozi wapfuye no mu gufasha abo asize.

l'allocation des frais unéraires.

1 6

Le jour de l'accident est toujours considéré comme le jour de travail.

Article 22

Les soins médicaux comprennent:

- a) l'assistance médicale et chirurgicale;
- b) les examens médicaux, radiographiques, les prélèvements des examens de laboratoires;
-) l'entretien de produits pharmaceutiques et accessoires;
- i) l'entretien dans un hôpital ou une autres formation médicale y compris la nourriture habituelle fournie par l'établissement;
- e) les soins dentaires;
- f) les frais de transport de la victime du lieu de l'accident aux centres médicaux, à l'hôpital, à un cabinet médical et à sa résidence;
- la fourniture, l'entretien et le renouvellement des appareils de prothèse et d'orthopédie nécessités par l'infirmité résultant de l'accident et reconnus indispensables par le médecin agrée ou désigné par le Gouvernement.

Les soins médicaux sont fournis par la Caisse Sociale du par les établissements choisis parmi les formations officielles et les autorités tédicales, auquel cas ils font l'objet d'un remboursement sur la base du tarif forfaitaire établi par voie d'accord entre ces établissements et la Caisse Sociale.

En cas de nécessité absolue et sur avis conforme du Médecin Conseil de la Caisse Sociale, Umunsi wa gisida ubarwa mu minsi yakozweho.

Ingingo ya 22

Ukwivuza kugizwe no:

- a) kuvurwa no kubagwa;
- b) gusuzumwa, guca mu cyuma, gufatwa ibigomba gipimwa no kubisesengura;
- c) guhabwa imiti n'ibindi;
- d) gufatwa neza mu bitaro cyangwa mu mavuriro no guhabwa ibibatunga;
- e) kuvurwa amenyo;
- f) gukoresha ibya ngombwa kugira ngo umuntu avanywe aho yakomerekeye ajyanwe mu bitaro cyangwa mu mavuriro cyangwa se imuhira;
- g) gufatwa neza no guhindura ibyuma bisimbura ahababaye n'ibivura ubumuga, agize ibyago biturutse ku murimo yakoraga kandi bikemezwa na Muganga washyizweho cyangwa wemerwa na Leta.

Imiti n'ibindi bitangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyangwa n'ibigo by'ubuvuzi byatowe mu bigo bya Leta cyangwa ibigo bya ba nyamwigendaho bivura byemewe n'abategetsi b'ubuvuzi ariko ibyo bigo byishyurwa amafaranga yashyizweho bimaze kumvikana n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Iyo ari ngommbwa kandi byemewe na Muganga ugira inama Isanduku y'Ubwiteganyirize

17

les soins médicaux sont dispensés à l'étranger.

Article 23

En cas d'incapacité temporaire de travail dûment constatée par l'autorité médicale compétente, la victime a droit à la charge de la Caisse Sociale, à une indemnité journalière d'accident pour chaque jour d'incapacité, ouvrable ou non.

Cette indemnité est payable pendant toute la période d'incapacité de travail qui précède la guérison complète, la consolidation de la lésion ou le décès du travailleur.

Le montant de l'indemnité journalière est égal à 75 % de la rémunération moyenne de la victime.

La rémunération journalière moyenne s'obtient en divisant 9 0 le total rémunérations soumises à cotisations perçues par l'intéressé au cours des trois mois civils qui précédent celui au cours duquel l'accident est survenu. Au cas où la victime n'a pas travaillé pendant toute la période de trois mois ou que le début du travail dans l'entreprise où l'accident est survenu remonte à moins de trois mois, la rémunération calcul servant a u rémunération journalière moyenne est celle qu'elle aurait reçue si elle avait travaillé dans les mêmes conditions pendant la période de référence de trois mois.

Article 24

L'indemnité journalière est réglée aux mêmes intervalles que le salaire, toutefois, cet intervalle ne peut être inférieur à une semaine ni supérieur à un mois.

bw'Abakozi bashobora kuvurirwa
mu mahanga.

Ingingo ya 23

Iyo umuntu ananiwe akazi bitari burundu, bikemerwa na Muganga ubigenewe, agira amafaranga agomba guhabwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi igihe cyose atari ashoboye akazi, ari no mu minsi bakoraho cyangwa badakoraho.

Ayo mafaranga atangwa igihe cyose umukozi adashoboye akazi kandi atarakira rwose, igihe igikomere kitarasubirana cyangwa atarapfa.

Ayo mafaranga umukozi ahabwa angana na 75 % by'umushahara ngereranyo wa buri munsi.

Umushahara ngereranyo wa buri munsi bawubara bagabanyije na mirongo urwenda igiteranyo cy'imishahara umukozi yahawe kandi babariragaho arundarundwa ngo ajye mu bwiteganyirize mu gihe cy'amezi atatu abanziriza ukwezi gisida yabayemo. gihe umukozi atakoze byuzuye muri ayo mezi atatu cyangwa se igihe yatangiriye akazi mu kigo yagiriyemo gisida kitageze ku mezi atatu, umushahara ngereranyo wa buri babariraho ni uwo yajyaga gufata muri icyo gihe cy'amezi atatu iyo ayakoramo.

Ingingo ya 24

Ayo mafaranga agomba gutangwa mu gihe kimwe n'icy'umushahara ariko rero icyo gihe ntabwo kigomba kuba hasi y'icyumweru cyangwa ngo kirenge ukwezi.

Article 25

En cas d'incapacité permanente totale dûment constatée par le Médecin désigné ou agréé par le Gouvernement, la victime a droit à une rente d'incapacité totale de 85 pour cent de sa rémunération mensuelle moyenne.

Le taux d'incapacité permanente est déterminé i'après la nature de l'infirmité, l'état général, l'âge, les facultés physiques et mentales de la victime ainsi que d'après ses aptitudes et ses qualifications professionnelles sur la base i'un barème indicatificapacité établi par Arrêté Présidentiel sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

La rémunération mensuelle moyenne servant de base au calcul de la rente d'incapacité est égale à 30 fois la rémunération journalière moyenne déterminée selon les ispositions de l'article 23, in présent Décret-loi.

En aucun cas cette rémunération ne peut être inférieure à la rémunération minimale légale en vigueur à la date de l'accident. Elle ne peut être supérieure à un plafond fixé par Arrêté présidentiel sur proposition du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions.

Article 26

La victime d'un accident du ravail atteinte d'une incapacité permanente totale a droit à :

a) une rente d'incapacité lorsque le degré de son incapacité est égal à 15 pour cent au moins;

<u>Ingingo ya 25</u>

Iyo umuntu atakibashije gukora kandi bikaba burundu, n'umuganga wemerwa na Leta akabihamya, ahabwa amafaranga 85 ku ijana y'umushahara ngereranyo wa buri kwezi.

Ubunanirwe burundu bw'umukozi bwemezwa bakurikije uko ubumuga bumeze, uko umurwayi amerewe umubiri wose, imyaka amaze, imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri bakurikije ubushobozi n'ubumenyi bwe ku murimo bakabigira bahereye ku rugero rutangwa n'itegeko rya Prezida ashyiraho abisabwe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Umushahara ngereranyo wa buri kwezi bafatiraho kugira ngo babare ayo mafaranga ungana n'incuro 30 z'umushahara wa buri munsi nk'uko byavuzwe mu ngingo ya 23, igika cya 3 cy'iri tegeko-teka.

Nta na rimwe umushahara ushobora kujya munsi y'umushahara fatizo uriho mu gihe cya gisida. Ntushobora kandi kujya hejuru y'ayategetswe n'iteka rya Prezida ashyiraho abisabwe na Ministiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

<u>Ingingo ya 26</u>

Uwagize ibyago ku kazi akamugara burundu ariko bitamuzahaje rwose agira ibyo agenerwa kubona:

 a) amafaranga agenwa iyo izo ntege nke zimuzahaje nibura mu rugero rw'ibice 15 ku ijana by'ubushobozi yari afite; b) une allocation d'incapacité versée en une seule fois lorsque le degré de son incapacité est inférieur à 15 pour cent.

Le montant de la rente d'incapacité permanente partielle est, selon le degré d'incapacité, proportionnel à celui de la rente à laquelle la victime aurait eu droit en cas d'incapacité permanente totale.

Le montant de l'allocation d'incapacité est égal à trois fois le montant annuel de la rente correspondant à degré d'incapacité de la victime.

Article 27

Lorsque l'accident du travail est suivi par le décès de la victime, les survivants ont droit aux rentes de survivants et à une allocation de frais funéraires.

L'allocation des frais funéraires est égale à cent fois le salaire minimum légal.

Article 283

Sont considérés comme survivants:

- a) la veuve ou veuf non divorcé à la condition que le mariage soit antérieur à la date de l'accident ou, s'il est postérieur, qu'il ait eu lieu 6 mois au moins avant le décès;
- b) les enfants à charge de la victime tels qu'ils sont définis à l'art.33, alinéa 2 du présent Décret-loi;
- c) les ascendants directs à charge de la victime.

b) iyo izo ntege nke za zitageze muri urwo rugera agira amafaranga agenwa bakayamuhera icyarimwe;

Amafaranga ahabwa uwagize ibyago ku kazi burundu ariko bitamumugaje rwose bayatanga bagereranyije n'ayo yabona aramutse azahaye rwose kandi burundu.

Amafaranga agenewe abadashobora akazi atangwa mu mwaka umwe kandi bagereranyije n'ubudindire bw'uyahabwa.

<u>Ingingo ya 27</u>

Iyo uwizigamiye apfuye azize umurimo yakoraga, abo asize bagira icyo bahabwa n'amafaranga y'ibyo bakoresha mu ihamba.

Amafaranga yateganyijwe gutangwa mu ihamba angana n'incuro ijana umushahara ntarengwa.

<u>Ingingo ya 28</u>

Abashobora guhabwa amafaranga iyo uwiteganyirije yapfuye ni aba:

- a) umupfakazi asize, iyo apfuye bakiri kumwe kandi bakaba barashyingiranywe mbere y'ibyago bimuhitanye cyangwa se bakaba bamaranye nibura amezi atandatu;
- b) abana bari bagizwe na nyakwigendera nk'uko bivugwa mu ngingo ya 33 igika cya 2 cy'iri tegeko-teka;
- c) ababyeyi b'uwapfuye bari bagizwe na we.

Les rentes de survivants sont fixées en pourcentage de la rémunération servant de base au calcul de la rente d'incapacité permanente à raison de :

- a) 30 pour cent pour la veuve ou le veuf;
- 15 pour cent pour chaque orphelin de père ou de mère;
- 20 pour cent pour chaque orphelin de père et de mère;
- i) 10 pour cent pour chaque ascendant à charge.

Toutefois, le montant total :es rentes auxquelles ont droit les survivants de la victime ne paut dépasser le montant de la rente d'incapacité totale à laquelle celle-ci avait ou trait eu droit.

(Sé)

-

ø.

ARRETE MINISTERIEL N° 1931 Bis/06 DU 08 DECEMBRE 1987 PORTANT DETERMINATION DES MODALITES DE DECLARATION DES ACCIDENTS DU TRAVAIL ET DES MALADIES PROFESSIONNELLES.

The state of the s

Le Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle,

Vu le Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale spécialement en son article 20,

ARRETE

CHAPITRE PREMIER.

DE LA PROCEDURE DE DECLARATION D'ACCIDENTS DU TRAVAIL ET DES MALADIES PROFESSIONNELLES.

Article ler.

L'employeur est tenu de déclarer à la Caisse Sociale et à l'Inspection du Travail du ressort, dans un délai de 48 heures à compter du moment où il en a pris connaissance, tout accident de travail ou toute maladie professionnelle dont sont victimes les salariés occupés dans l'entreprise.

En cas de carence ou d'impossibilité de l'employeur, la déclaration peut être faite par la victime ou ses représentants ou par l'autorité locale compétente à la demande de la victime ou ses représentants.

irticle 2.

La déclaration susvisée est itablie sur les imprimés iélivrés à cet effet par la laisse Sociale du Rwanda iénommée, ci-après Caisse Sociale, en 6 exemplaires qui sont adressés respectivement ieux à la Caisse Sociale,

ITEKA RYA MINISITIRI N° 1931 bis/06 RYO KU WA 08 UKUBOZA 1987 RISHYIRAHO UBURYO BWO KUMENYESHA IMPANUKA N'INDWARA ZIKOMOKA KU KAZI

MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'IYIGISHWA RY'ABAKOZI,

Amaze kubona Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20,

ATEGETSE:

UMUTWE WA I.

UBURYO BWO KUMENYESHA IMPANUKA N'INDWARA ZIKOMOKA KU KAZI.

Ingingo ya mbere.

Umukoresha ategetswe kumenyesha Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi n'Ubugenzuzi bw'Imirimo bw'akarere akoreramo, impanuka zose cyangwa indwara zose zikomoka ku kazi zigwiririye abakozi akoresha mu gihe cy'amasaha 48 kuva aho abimenyeye ubwe cyangwa abimenyeshejwe.

Mu gihe umukoresha atabikoze, iryo menyesha rikorwa na nyir'ubwite cyangwa se umutegetsi w'akarere ubigenewe, abisabwe na nyir'ubwite cyangwa abamuhagarariye.

Inqingo ya 2.

Imenyesha rimaze kuvugwa haruguru rikorerwa ku mpapuro esheshatu zabigenewe zitangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize b w'Abakozi, ebyiri zikayohererezwa, urwa gatatu rukohererezwa Umugenzuzi w'Imirimo w'akarere, urwa kane

le Trav l'ag Soci la gard peut dest voie post

<u>Arti</u>

de de d'u ind:

b)

C)

d)

e)

f)

g)

h)

le 3ème à l'Inspecteur du Travail du ressort, le 4ème à l'agent de liaison de la Caisse Sociale du ressort, le 5ème à la victime et l'employeur en garde la copie. La déclaration peut être déposée auprès des destinataires ou envoyée par voie postale le cachet de la poste faisant foi.

Article 3:

Chacune des rubriques de l'imprimé de la déclaration de l'accident doit être remplie d'une façon précise, en indiquant:

- a) nom, prénoms, qualité et adresse de l'employeur, la dénomination ou la raison sociale de l'entreprise, ainsi que le numéro matricule auprès de la Caisse Sociale;
- b) nom, prénoms, qualité et adresse du déclarant;
- c) nom, prénoms, adresse, lieu et date de naissance de la victime ainsi que son numéro d'immatriculation auprès de la Caisse Sociale, le numéro de sa carte d'identité;
- d) date d'entrée en service, profession et fonction habituelle de l'assuré;
- e) lieu, date, heure, cause et circonstances de l'accident du travail;
- f) date de cessation du travail et éventuellement date du décès;
- g) noms, prénoms et adresses des principaux témoins de l'accident;
- h) s'il y a lieu, nom, prénoms et adresse du tiers responsable de l'accident;

rukohererezwa uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi muri ako karere, urwa gatanu rugahabwa nyir'ubwite, umukoresha agasigarana urwa gatandatu. Urupapuro rumenyesha rushobora gushyikirizwa abo rugenewe mu ntoki cyangwa rukanyuzwa mu iposita.

Ingingo ya 3:

Buri gice cy'inyandiko y'urupapuro rumenyesha impanuka kigomba kwuzuzwa neza ku buryo bukurikira:

- a) amazina y'umukoresha, icyo akora n'aho akorera, izina ry'ikigo n'icyo kigamije, n'inomero yacyo y'ubupatane m u I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- b) amazina y'umenyesha, icyo akora n'aho akorera;
- c) amazina ya nyir'ubwite, aho aboneka, aho yavukiye n'itariki yavutseho, inomero y'ubupatane mu Isanduku y'Ubwiteganyirize n'inomero y'indangamuntu ye;
- d) itariki yatangiriyeho akazi, umwuga we n'icyo asanzwe akora;
- e) aho impanuka yabereye, itariki, isaha, icyayiteye n'uko byagenze;
- f) i t a r i k i u m u k o zi yahagarikiyeho akazi kandi yaba yarapfuye, bagashyiraho itariki yapfiriyeho;
- g) amazina y'abagabo bari bahari n'aho baboneka;
- h) iyo bishobotse, amazina y'ushinjwa kuba yarateye impanuka;

i) rémunérations perçues par la victime au cours des trois derniers mois civils précédant celui au cours duquel est survenu l'accident.

Outre les renseignements prévus au paragraphe 1 cidessus, la déclaration de maladie professionnelle doit également mentionner les noms et adresses des employeurs, chez lesquels la victime a antérieurement travaillé ainsi que la durée des services et les emplois occupés.

En cas de décès d'une victime d'accident du travail ou de maladie professionnelle, l'autorité locale compétente est tenue de fournir à la Caisse Sociale les renseignements dont celle-ci peut avoir besoin, notamment en ce qui concerne les ayants-droit.

Article 4.

L'employeur est tenu, dès l'accident survenu :

- de fournir à la victime les soins d'urgence;
- d'aviser le médecin des services médicaux d'entreprise ou à défaut, le médecin le plus proche;
- éventuellement de diriger la victime sur le centre médical hospitalier public ou privé le plus proche.

Article 5.

1. Le certificat médical de première constatation de l'accident du travail ou de la maladie professionnelle appelé attestation médicale de première constatation doit être établi par le médecin traitant et adressé à la Caisse Sociale par l'employeur dans les plus brefs délais.

 i) imishahara y'amezi atatu ya nyuma abanziriza uko nyir'ubwite yagiriyemo impanuka.

Uretse ibiteganywa mu gika cya mbere kibanza, urupapuro rumenyesha indwara zikomoka ku kazi rugomba kandi kumenyesha a ma zi na y'abakoresha nyir'ubwite yabanje gukorera n'aho bakorera n'igihe yahamaze n'imirimo yakoraga.

Igihe uwagize impanuka cyangwa indwara ikomoka ku kazi apfuye, umutegetsi w'akarere ubigenewe agomba kugeza mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ibyo ikeneye kumenya ku bo nyir'ubwite asize.

Ingingo ya 4.

Iyo impanuka ibaye,
umukoresha ategetswe :

- kwihutira kuvura umukozi;
- kubimenyesha umuganga w'ikigo, igihe nta we bafite akabimenyesha umuganga uhegereye;
- byaba ngombwa akageza uwagize impanuka mu bitaro bya Leta cyangwa byigenga bihegereye.

Ingingo ya 5.

1. Icyemezo cya mbere cya muganga kivuga impanuka cyangwa indwara zikomoka ku kazi kigomba kuzuzwa n'umuganga uvura umukozi kandi umukoresha akacyohereza mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi bidatinze.

mei a)

b)

c)

d)

e)

f)

g)

pre co ini jou

pér sou méc qué

des

coi en tr: cer d'i

cha Tou péi

peu

pro mé con mé nat

- 2. Ce certificat doit
 mentionner:
- a) les nom, prénoms et l'adresse du médecin traitant;
- b) les noms, prénoms et adresse de la victime et s o n n u m é ro d'immatriculation à la Sécurité Sociale;
- c) les noms ou raison sociale et adresse de l'employeur et son n° matricule à la Caisse Sociale;
- d) la date et le lieu de l'accident;
- e) la description des lésions ou de la maladie;
- f) la durée probable de l'incapacité de travail;
- g) l'évolution probable de l'état de la victime.
- 3. Le certificat médical de première constatation ne peut couvrir qu'une période ininterrompue maximum de 30 jours. A l'expiration de cette période, la victime doit se soumettre à un nouvel examen médical pour constater la guérison ou la consolidation des lésions.

Lorsque l'autorité médicale constate que la victime est encore en incapacité de travail, elle établit le certificat de prolongation d'incapacité renouvelable pour chaque période de 30 jours. Toutefois, le cumul de ces périodes de prolongation ne peut dépasser 150 jours.

4. En cas de maladie professionnelle, le certificat dé dical de première constatation, établi par le médecin, doit indiquer la nature de la maladie notamment

- 2. Icyo cyemezo kigomba kwerekana:
- a) amazina y'umuganga umuvura n'aho aboneka;
- b) a m a z i n a n ' i n o m e ro z'ubwiteganyirize bw'umukozi n'aho aboneka;
- c) amazina cyangwa icyo ikigo kigamije, aho umukoresha akorera n'inomero ze z'ubupatane mu Isanduku y'Ubwiteganyirize;
- d) itariki n'aho impanuka yabereye;
- e) gusobanura uko uburwayi bumeze;
- f) igihe bakeka ko ubumuga buzamara;
- g) uko abona ko ubuzima bw'umurwayi buzagenda bumera;
- 3. Icyemezo cya mbere cya muganga ntigishobora kurenza iminsi mirongo itatu. Icyo gihe iyo kirangiye, uwagize impanuka ategetswe kongera kwisuzumisha kugira ngo bamenye neza ko yakize.

Iyo muganga asanze umurwayi atarakira amukorera ikindi cyemezo cyerekana ko atarashobora gusubira ku kazi; icyo cyemezo kindi gishobora kongera gutangwa buri minsi mirongo itatu irangiye. Gusa uko kongerwa kw'ibyo byemezo ntigushobora kurenza iminsi ijana na mirongo itanu.

4. lyo ari indwara ikomoka ku kazi, icyemezo cya mbere gitanzwe na muganga kigomba kuvuga uko indwara iteye n'ibimenyetso bigaragara byemewe mu ndwara zikomoka ku kazi n'ingaruka zazo.

les manifestations mentionnées sur la liste des maladies professionnelles ainsi que les suites probables.

Les dispositions de l'alinéa 3 du présent article sont applicables par analogie.

- 5. Le certificat médical sera accompagné d'une notification attestant que la victime reçoit les soins réguliers d'un médecin ou a été dirigée sur un établissement hospitalier public ou privé dûment agréé par le Gouvernement.
- 6. Le certificat est établi en 4 exemplaires par le praticien qui adresse un exemplaire à la Caisse Sociale, le 2ème à la victime, le 3ème à l'agent de liaison de la Caisse Sociale du ressort et en conserve une copie.

Article 6:

Dans les huit jours qui suivent la quérison de la blessure sans incapacité permanente ou la consolidation des lésions s'il y a incapacité permanente, ou le décès de la victime, un certificat médical indiquant les conséquences définitives si celles-ci рu n'avaient ê t re antérieurement constatées, est établi par le médecin, quatre exemplaires qui seront adressés aux destinataires indiqués à l'alinéa 6 de l'article 5 du présent arrêté.

Ce certificat doit notamment mentionner:

a) les nom et adresse du médecin; Ibiteganijwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo bikurikizwa no mu gihe cy'indwara zikomoka ku kazi.

- 5. Icyemezo cya muganga kijyana n'urupapuro rwemeza ko umurwayi avurwa neza cyangwa ko bamushyikirije ibitaro bya Leta cyangwa byigenga ariko byemewe na Leta.
- 6. Icyo cyemezo gikorerwa ku mpapuro enye rumwe rukohererezwa Isanduku y'Ubwiteganyirize, urwa kabiri rugahabwa nyir'ubwite, urwa gatatu rukohererezwa uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi muri ako karere, urundi muganga akarusigarana.

Ingingo ya 6:

Mu minsi 8 nyuma y'uko uwagize impanuka akira bidateye ubumuga buhoraho cyangwa ibikomere bigakira ariko hari ubumuga budatezuka cyangwa se uwagize impanuka agapfa, Muganga akora mu mpapuro enye icyemezo cy'ingaruka burundu iyo batazibonye mbere, bikazahabwa abo twavuze mu gika cya 6 cy'ingingo ya 5 y'iri teka.

Icyo cyemezo kigomba kuba giteye gitya :

a) amazina ya muganga n'aho akorera; (d

c)

d)

e)

méc Soc méd

la
con
d'i
vic
Rec
sou
Com
le
Pub

règ dif h'en con pre déci

Arti

"car e t bro:

- b) les nom et adresse de la victime ainsi que son numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale;
- c) les nom ou raison sociale et adresse de l'employeur;
- d) la date de la guérison, de la consolidation des lésions ou de décès de la victime;
- e) en cas d'incapacité permanente, le taux d'incapacité reconnu et le cas échéant la nécessité pour la victime de recourir de façon constante à l'assistance d'une tierce personne pour les actes de la vie courante et la nécessité pour elle d'utiliser des appareils de prothèse ou d'orthopédie.

En cas de carence du médecin traitant, la Caisse Sociale fait appel à un autre rédecin.

En cas de contestation sur la date de guérison, de la consolidation ou sur le degré l'incapacité permanente, la cictime saisit la Commission de lecours Gracieux, celle-ci coumet le dossier à une l'ommission Médicale créée par la Ministre ayant la Santé l'iblique dans ses attributions.

Toutefois, jusqu'au sglement définitif du liférend, cette contestation empéche pas à la victime de intinuer à bénéficier des sision attaquée.

Ticle 7 :

Il est institué un arnet d'accident de travail de maladies ifessionnelles" composé de

- b) amazina ya nyir'ubwite, aho aboneka n'inomero ye y'ubupatane mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi bw'Abakozi;
- c) amazina cyangwa icyo ikigo kigamije n'aho umukoresha akorera;
- d) igihe indwara yakiriyeho, igihe ibikomere byoroheyeho, igihe yapfiriye;
- e) iyo habaye ubumuga budatezuka ikigereranyo cy'ubumuga kizwi no mu gihe bibaye ngombwa ko uwagize impanuka akenera umuntu umwitaho buri gihe n'iyo bibaye ngombwa ko akoresha ibyuma nsimburangingo cyangwa bivura ubumuga.

Igihe umurwayi nta muganga we afite, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ishobora kwitabaza undi muganga.

Igihe habaye impaka ku byerekeye itariki umurwayi yakiriyeho, ku gihe ibikomere byoroheyeho cyangwa se ku kigereranyo cy'ubumuga bwe budatezuka, nyir'ubwite ashyikiriza ikibazo cye Akanama karenganura nako kakifashisha Akanama k'Abaganga kashyizweho na Minisitiri ushinzwe Ubuzima.

Nyamara izo mpaka ntizibuza nyir'ubwite gukomeza gufata a mafaranga yamugenewe hakurikijwe icyemezo ajuririra kugeza igihe impaka zikemuriwe.

<u>Ingingo ya 7</u>:

Hashyizweho "agatabo k'impanuka n'indwara zikomoka ku kazi" kagizwe n'impapuro feuillets détachables dont le modèle est annexé au présent Chaque feuillet comprend les mentions suivantes:

ziri ukwazo ariko rumwe rumwe rukaba rugabanyijemo ibice bibiri bitandukanywa kandi gakurikije urugero rujyana Buri rupapuro n'iri teka. rukubiyemo ibi bikurikira:

Identification de l'employeur

- Le numéro matricule à la Caisse Sociale du Rwanda;
- Le nom ou raison sociale;
- L'adresse.

B. Identification de la victime B. Ibiranga umukozi urwaye

- Le nom et prénom;
- Surnom;
- Date et lieu de naissance;
- Commune et Préfecture;
- Père et Mère;
- Date d'entrée en service;
- Numéro matricule à la Caisse Sociale du Rwanda:
- Date de l'accident ou de la maladie professionnelle;
- Nature des lésions;
- Le siège des lésions;
- Adresse en vue du paiement éventuel;

C. Etat des prestations

- Date et nature d es prestations;
- Les montants de frais afférents;
- La signature de la victime, ou à défaut celle de l'ayant droit; ou à défaut celle de l'employeur;
- La signature du praticien;

A. Ibiranga umukoresha

- Inomero y'ubupatane y'Umukoresha mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- Izina cyangwa icyo agamije;
- Aho akorera.

- Amazina
- Izina ry'irihimbano;
- Itariki n'aho yavukiye;
- Komini Perefegitura;
- Se na Nyina;
- Itariki yatangiriyeho akazi;
- Inomero ye y'ubupatane mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda;
- Itariki y'impanuka cyangwa indwara ikomoka ku kazi;
- Imiterere y'uburwayi;
- Aho uburwayi buherereye;
- Aho ashobora kuboneka kugira ngo bamwishyure.

C. Uko yaqiye avurwa

- Itariki n'uko yavuwe;
- Amafaranga ajyana n'ivurwa rye;
- Umukono w'umukozi urwaye! cyangwa iyo bidashobotse, uri mu kigwi cye cyangwa uw'umukoresha we;
- Umukono w'uwamuvuye;

ma con et vic

- L

Art

dé: vid ou le son mé

int CO méd hos

 $r \in I$ 1' C e COI

va tr fe 1 € dé he m e

 $f \in$

p: CE

C

1 ti à

1

p

р

 \mathbf{I}

- La signature de l'employeur.

Ce carnet d'accident et de maladies professionnelles constitue un relevé de factures et prestations fournies à la victime.

Article 8 :

L'employeur est tenu de délivrer à son travailleur victime d'accident de travail ou de maladie professionnelle, le carnet d'accident sur lequel sont consignés par l'autorité médicale ou pharmaceutique intéressée, la nature et le coût de tous les actes médicaux, pharmaceutiques ou hospitaliers.

Les carnets d'accident sont remis par la Caisse Sociale à l'employeur sur sa demande. Celui-ci est tenu d'en constituer un stock suffisant.

Le carnet d'accident est valable pour toute la durée du traitement. Il comprend des feuillets détachables sur lesquels sont portés par décalque les actes médicaux et hospitaliers ainsi que les médicaments fournis. Ces feuillets sont adressés à la Caisse Sociale par les praticiens, pharmaciens ou centres hospitaliers aux fins de paiements.

Lorsqu'exceptionnellement et par dérogation aux dispositions ci-dessus l'employeur et/ou le travailleur auraient été amenés a engager des frais pour l'accident du travail, ils pourraient se faire rembourser par la Caisse Sociale du Rwanda, sur présentation des pièces justificatives.

En cas de contestation du coût des prestations, la victime, l'employeur, le fournisseur ou le praticien concerné sont tenus d'exhiber

- Umukono w'umukoresha we.

Ako gatabo k'impanuka n'indwara zikomoka ku kazi kabumbira hamwe amafaranga ya za fagitire zagiye zitangwa ku mukozi urwaye.

<u>Ingingo ya 8</u>

Umukoresha ategetswe guha umukozi we wagize ibyago bitewe n'impanuka z'akazi cyangwa se indwara ikomoka ku kazi, agatabo k'impanuka kandikwamo n'umuvura cyangwa utanga imiti ubigenewe, imiterere n'ikiguzi cy'ibyo abavuzi bamukorera byose, byaba imiti cyangwa se amafaranga y'ibitaro.

Iyo umukoresha abisabye, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi imwoherereza udutabo tw'impanuka. Agomba kuba afite udutabo duhagije buri gihe.

Agatabo k'impanuka gakoreshwa igihe cyose umukozi akivurwa. Kagizwe n'impapuro ziri ukwazo zandukurirwaho ibyo abaganga bamukorera, amafaranga y'ibitaro n'imiti abona. Izo mpapuro zohererezwa Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi n'abamuvura, abacuruza imiti cyangwa se abategetsi b'amavuriro ngo bishyurwe.

Haramutse habaye impamvu ituma ibivuzwe haruguru bidakurikizwa, umukoresha cyangwa se umukozi bagatanga amafaranga yo kuvuza uwagize impanuka, bashobora kwishyuza Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi berekanye impapuro zibyemeza.

Iyo habaye impaka ku mubare w'amafaranga yatanzwe mu kwivuza, nyir'ubwite, umukoresha, ugurisha imiti cyangwa se uwamuvuye, bagomba

les pièces ayant servi à l'établissement du feuillet d'accident du travail ou de maladie professionnelle.

A la fin du traitement ou dès que le carnet est entièrement utilisé, la victime envoie ou remet le carnet à la Caisse Sociale qui délivre, le cas échéant, un nouveau carnet.

CHAPITRE 2.

DE L'OBJET ET DE LA PROCEDURE DE L'ENQUETE

Article 9:

Sur base des certificats médicaux transmis en exécution des dispositions du présent arrêté ou produits par la victime ou ses ayants-droit, la Caisse Sociale peut faire procéder à une enquête ou demander à l'Inspecteur du Travail de l'effectuer pour son compte.

Article 10:

L'enquêteur peut convoquer au lieu de l'enquête, la victime ou ses ayants-droit, l'employeur et toute personne susceptible de fournir des renseignements.

La victime peut se faire assister par une personne de son choix. Le même droit appartient à ses ayants-droit en cas d'accident mortel.

Lorsque la victime est dans l'impossibilité d'assister à l'enquête, l'enquêteur se transporte auprès d'elle pour recevoir ses explications.

kwerekana impapuro bashingi; buzuza urupapuro rw'impanu. cyangwa se indwara zikomoka ku kazi.

Iyo umukozi akize cyangwa agatabo karakoreshejwe kose, yohereza ako gatabo mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ikamuha, iyo bibaye ngombwa, akandi gashya.

UMUTWE WA 2.

UKO ANKETI IKORWA N'ICYO IGAMIJE

<u>Ingingo ya 9</u>

d u a n S y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ibyemezo bya imaze kubona muganga byoherejwe hakurikijwe ibikubiye muri iri teka cyangwa byerekanywe na nyir'ukugira impanuka cyangwa se abo asize, ishobora gukora anketi ubwayo igasaba Umugenzuzi cyangwa w'Imirimo kubiyikorera.

Ingingo ya 10:

Ukora anketi atumiza ahabereye impanuka uwayigize cyangwa umukoresha n'undi muntu wese ushobora gutanga ibisobanuro.

Uwagize impanuka ashobora kwifashisha umuntu yihitiyemo. Mu gihe umukozi yahitanywe n'impanuka, ubwo burenganzira buhabwa abo asize.

Igihe uwagize impanuka adashobora kugera aho anketi ikorerwa, ukora anketi amusanga aho ari kugira ngo yumve ibisobanuro bye.

les d'é

a)

b)

C)

d)

e)

f

L'enquêteur doit recueillir les renseignements permettant d'établir :

- la cause, la nature, les circonstances de temps et de lieu de l'accident et, éventuellement l'existence d'une faute susceptible d'influer sur la réparation ainsí que l es responsabilités encourues. En cas d'accident de trajet, ces éléments doivent être recherchés et notés avec soin ainsi que, le cas échéant, les motifs qui auraient déterminé la victime à interrompre ou à détourner son parcours;
- b) l'identité de la victime et le lieu où elle se trouve;
- c) la nature des lésions;
- d) l'existence d'ayants droit, l'identité et la résidence de chacun d'eux;
- e) la catégorisation professionnelle de la victime au moment de l'arrêt du travail et d'une manière générale, tous les éléments de nature à permettre la détermination de salaire servant de base au calcul des indemnités et des rentes.
- f) le cas échéant, les accidents de travail antérieurs de la victime.

En vue de recueillir tous ces éléments, l'enquêteur peut effectuer au siège de l'établissement ou des établissements ayant occupé la victime, toutes constatations et vérifications nécessaires.

Ingingo ya 11

Ukora anketi agomba kwegeranya ibyangombwa bimufasha kumenya:

a) impamvu, imiterere, igihe n'aho impanuka yabereye, bishobotse akavuga ikosa ryashobora kugira icyo rihindura mu gihe cyo kwishyura n'abagiye babigiramo uruhare.

Iyo habaye impanuka mu gihe cy'urugendo ibyo bigomba gushakwa byitondewe bibaye ngombwa bagasuzuma impamvu zatumye nyir'ubwite asubika cyangwa ahindura inzira ye;

- b) umwirondoro w'uwagize impanuka n'aho ari;
- c) imiterere y'uburwayi;
- d) abo asize, umwirondoro wa buri wese n'aho batuye;
- e) urwego rw'umurimo nyir'ubwite yari agezemo mu gihe akazi gahagarariye, no mu buryo rusange, ibyangombwa byose bifasha kumenya umushahara w'ifatizo baheraho bamubarira amafaranga y'indishyi n'ay'ubumuga;
- f) igihe bishobotse, bakavuga impanuka z'akazi nyir'ubwite yaba yaragize mbere.

Kugira ngo babone ibyo byose, ukora anketi ashobora kujya mu kigo cyangwa mu bigo uwagize impanuka yakoragamo, kugira ngo akore iperereza n'igenzura bya ngombwa.

cticle 12:

L'enquêteur consigne les sultats de l'enquête dans un rocès-verbal établi en trois cemplaires qui fait foi squ'à preuve du contraire des aits qu'il a constatés.

rticle 13:

La Caisse Sociale peut iésigner un expert sur la lemande de la victime ou de ses lyants-droit ou de l'employeur.

L'expert dresse un rapport tui doit être envoyé à la laisse Sociale au plus tard lans vingt jours.

L'expert est tenu au secret professionnel. Ses émoluments lui sont payés par la Caisse Sociale. Il peut recevoir le cas échéant le remboursement de ses frais de déplacement et s'il y a lieu une indemnité pour perte de salaire.

Article 14

Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 08 décembre 1987

Ingingo ya 12 :

Ukora anketi akora inyandiko-mvugo ku mpapuro eshatu z'ibyo yabonye, igafatwa nk'ihame kugeza igihe inyomorejwe.

ARR

FOH

DU

Q U

CER

CE

L'‡

RE !

Pu

Pr

19 Sé

en

DU

Ingingo ya 13 :

Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ishobora gushyiraho impuguke, bisabwe n'uwagize impanuka, abo asize cyangwa se umukoresha.

Impuguke ikora raporo igomba gushyikirizwa Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu minsi itarenga makumyabiri.

Impuguke igomba kugira ibanga. Igihembo cye gitangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Iyo bibaye ngombwa ashobora gusubizwa amafaranga y'urugendo yatanze, byaba ngombwa agahabwa indishyi y'umushahara yatakaje.

Ingingo ya 14

Iri Teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 08 Ukuboza 1987

HABIYAKARE François

- -

ARRETE MINISTERIEL N° 1932/06
DU 08/12/1987 PRECISANT LES
FORMES DE LA MISE EN DEMEURE ET
DU RELEVE DES SOMMES DUES AINSI
QUE LES CONDITIONS DE
CERTIFICATION DUDIT RELEVE ET
CELLES DANS LESQUELLES
L'EMPLOYEUR PEUT INTRODUIRE UN
RECOURS

Le Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle,

Vu le Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale, spécialement en son article 14;

ARRETE :

CHAPITRE I.

DE LA PROCEDURE DE MISE EN DEMEURE.

Article premier

- 1. Toute action en vue du recouvrement des sommes dues par les employeurs doit être précédée de l'envoi d'une mise en demeure recommandée avec accusé de réception.
- 2. La mise en demeure prévue au paragraphe précédent peut également être transmise par l'intermédiaire de l'Inspection du Travail du ressort, par une autorité administrative ou par un agent de l'ordre public.

Article 2

- La mise en demeure prévue à l'article ler du présent arrêté doit mentionner :
- les nom et prénoms, dénomination et raison sociale de l'employeur défaillant;

ITEKA RYA MINISITIRI N° 1932/06 RYO KU WA 08/12/1987 RISOBANURA IBIKURIKIZWA IYO BIHANANGIRIZA N'IYO BAGENA IGITERANYO CY'AMAFARANGA AGOMBA GUTANGWA N'IMPAMVU ZIHAMYA ICYO GITERANYO N'UBURYO UMUKORESHA ASHOBORA GUKORESHA IYO YIREGURA.

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi,

Amaze kubona Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 14;

ATEGETSE :

UMUTWE WA MBERE.

IBIKURIKIZWA IYO BIHANANGIRIZA.

Ingingo ya mbere

- Igikorwa cyose cyerekeye ikurikiranwa ry'amafaranga y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kibanzirizwa n'ibaruwa yihanangiriza umukoresha yoherejwe ku buryo bushinganye kandi agasinyira ko yayibonye.
- 2. Uko kwihanangiriza guteganyijwe mu gika kibanza gushobora koherezwa binyuze ku Bugenzuzi bw'Imirimo bw'akarere, cyangwa ku wundi mukozi ubifitiye ububasha.

Ingingo ya 2

- 1. Ukwihanangiriza guteganyijwe mu ngingo ya mbere y'iri teka kugomba kwerekana ibi :
- a) amazina y'umukoresha utarishyuye n'icyo akora;

- b) le numéro matricule de l'employeur ou de l'établissement;
- c) les périodes auxquelles se rapporte la mise en demeure;
- d) le montant des cotisations dues pour chacun des trimestres compris dans la période faisant l'objet de la mise en demeure;
- e) le montant des majorations de retard dans le versement des cotisations et pour production tardive des relevés nominatifs des salaires payés correspondant à chaque trimestre et arrêté à la date d'établissement de la mise en demeure;
- f) le délai imparti pour paiement des sommes dues;
- g) les procédures qui peuvent être utilisées à l'encontre du débiteur et les voies de recours dont celui-ci dispose;
- 2. La mise en demeure peut être adressée à l'employeur dont les cotisations ont été fixées forfaitairement d'office, en application des dispositions de l'article 14 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale.

Article 3

La mise en demeure de l'employeur qui ne s'est pas acquitté de ses cotisations dans les délais légaux, est établie conformément au modèle de l'annexe I joint au présent arrêté.

- b) inomero y'ubupatane y'umukoresha mu Isanduku y'Ubwiteganyirize cyangwa y'ikigo;
- c) ibihe byerekeranye n'uko kwihanangiriza;
- d) umubare w'amafaranga agomba gutangwa kuri buri gihembwe kiri muri icyo gihe cy'ihanangirizwa;
- e) umubare w'amafaranga y'iyongera aturutse ku bukererwe bwo gutanga imisanzu n'inyandiko zikubiyemo imishahara abakozi bahembwe buri gihembwe nk'uko yemejwe ku itariki ukwihanangiriza kwakoreweho.
- f) igihe ntarengwa cyatanzwe ayo mafaranga agomba kwishyurirwamo;
- g) uburyo bushobora gukoreshwa ngo umukoresha yishyure n'inzira anyuramo kugira ngo yiregure.
- 2. Umukoresha babariye imisanzu bagereranya nk'uko bivugwa mu ngingo ya 14 y'Itegekoteka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi, ashobora kwihanangirizwa.

Ingingo ya 3

Ukwihanangiriza umukoresha utaratanze imisanzu y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu gihe gitegetswe, gukorwa bakurikije urugero ruri ku mugereka wa I w'iri teka.

UMUTWE WA II.

DE LA VOIE DE RECOURS GRACIEUX OFFERTE À L'EMPLOYEUR.

OFFERIE A L'EMPLOYEUR.

Article 4

1. L'employeur qui conteste le bien fondé de la dette peut saisir de sa réclamation la Commission de Recours

Commission de Recours Gracieux dans le délai d'un mois qui suit la réception de la mise en demeure.

2. Le recours de l'employeur introduit dans le délai prévu à l'alinéa précédent a pour effet d'interrompre les poursuites jusqu'à ce que la Commision de Recours Gracieux ait statué sur ledit recours.

- 3. La demande de remise des majorations de retard présentée à la Commission de Recours Gracieux n'interrompt pas la procédure de paiement en ce qui concerne les cotisations.
- 4. La décision motivée de la Commission de Recours Gracieux est signifiée à l'employeur dans les deux mois qui suivent le dépôt de sa réclamation. Si aucune décision n'a été portée à la connaissance de l'employeur dans les délais ci-dessus, il peut considérer sa demande comme rejetée et se pourvoir dans les conditions fixées au paragraphe 5 du présent article.
- 5. Le requérant dispose d'un délai de deux mois à compter de la notification de décision de la Commission de Recours Gracieux, et si cette décision n'a pas eu lieu à compter de la date de rejet implicite d e la demande, pour se pourvoir

INZIRA UMUKORESHA ANYURA MO YIREGURA.

<u>Ingingo ya 4</u>

- 1. Umukoresha utemera ishingiro ry'umwenda yishyuzwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ashobora kujuririra Akanama karenganura mu gihe cy'ukwezi uhereye ku munsi yaboneyeho ibaruwa imwihanangiriza.
- 2. Ijurira ry'umukoresha rikozwe mu gihe cyateganyijwe mu gika kibanza rihagarika ikurikiranwa rye kugeza igihe Akanama karenganura karangije gusuzuma iby'iryo jurira.
- 3. Gusaba ko Akanama karenganura kavanaho amafaranga y'inyongera kubera gutinda ntibibuza umukoresha kwishyura amafaranga y'imisanzu ubwayo.
- 4. Icyemezo cyafashwe n'Akanama Karenganura kimenyeshwa umukoresha mu mezi abiri akurikira umunsi kaboneyeho ikibazo cye. Iyo nta gisubizo abonye muri icyo gihe, umukoresha agomba kumenya ko ubujurire bwe butakiriwe agaherako ashyikiriza ikirego cye abacamanza nk'uko biteganyijwe mu gika cya 5 cy'iyi ngingo.
- 5. Uwajuriye ashobora kuregera inkiko mu gihe cy'amezi abiri uhereye igihe yamenyeshejwe icyemezo, yaba nta cyemezo amenyeshejwe, agahera ku munsi wanyuma yagombaga kukiboneraho.

à re de ét

AΥ

de

di ex

lq pr

ét

e 1

p (s (

ce mj

> p. p.

SU

é:

me

7.2

CHAPITRE III.

DE LA DETERMINATION DU RELEVE DES SOMMES DUES.

.rticle 5

Si la mise en demeure visée l'article 4 du présent arrêté reste sans effet, le Directeur le la Caisse Sociale peut itablir un relevé des sommes dues qui est certifié et rendu exécutoire dans un délai de cinq jours, par le Directeur Jénéral de l'Emploi et de la Sécurité Sociale.

Le relevé des sommes dues établi et rendu exécutoire dans les conditions prévues au paragraphe ci-dessus comporte tous les effets d'un jugement et confère le bénéfice de l'hypothèque judiciaire.

Le montant des sommes portées sur le relevé des sommes dues ne doit en aucun cas être supérieur à celui ou ceux qui figurent sur la ou les mise (s) en demeure.

Un seul relevé des sommes dues peut englober des créances portant sur différentes périodes ayant donné lieu à l'envoi de mise en demeure successives.

Article 6

Le relevé des sommes dues établi par le Directeur de la Caisse Sociale doit mentionner:

a) le nom ou raison sociale et adresse de l'employeur et son numéro matricule à la Caisse Sociale;

UMUTWE WA III.

IBIGOMBA KUZUZWA IYO BAGENA IGITERANYO CY'AMAFARANGA AGOMBA GUTANGWA

Ingingo ya 5:

1

Iyo ukwihanangiriza kwateganijwe mu ngingo ya 4 y'iri teka nta cyo kugezeho, umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize ashobora gushyiraho igiteranyo cy'amafaranga yose agomba kwishyurwa, kikemezwa kandi kikubahirizwa mu gihe cy'iminsi itanu n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Icyo giteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa cyemejwe nk'uko biteganijwe mu gika kibanza gifatwank'urubanza kandi kigakurikiranwa nk'urubanza rwaciwe.

Igiteranyo cy'amafaranga yose ari ku rupapuro rw'agomba kwishyurwa ntikigomba kurenga ayanditse ku mabaruwa yihanangiriza.

Urupapuro rumwe rukubiyemo amafaranga agomba kwishyurwa rushobora kubumbira hamwe imyenda y'ibihe bitandukanye byatangiwe ukwihanangiriza kungikanyije.

Ingingo ya 6

Igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi gikorwa n'Umuyobozi wayo kigomba kwerekana ibi bikurikira:

a) amazina y'umukoresha cyangwa se icyo agamije, aho akorera n'inomero ye y'ubupatane mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;

- b) la référence de la ou des mises en demeure qui ont précédé l'établissement du relevé des sommes dues;
- c) le total des cotisations arriérées et des majorations de retard arrêtées à la date de la mise et des mises en demeure, déduction faite des acomptes éventuellement versés depuis leur envoi, sous réserve que ceux-ci aient pu être comptabilisés au jour de l'établissement de relevé des sommes dues;
- d) les voies de recours dont dispose le débiteur.

Le relevé des sommes dues est établi conformément au modèle joint en annexe II du présent arrêté.

CHAPITRE IV.

DES CONDITIONS DE CERTIFICATION DU RELEVE DES SOMMES DUES ET DE LA PROCEDURE DE CONTRAINTE.

Article 8

Le modèle du relevé des sommes dues établi en quatre exemplaires, est transmis au Directeur Général de l'Emploi et de la Sécurité Sociale pour certification.

Il est joint à chaque relevé des sommes dues une copie de la ou des mises en demeure qui ont servi de base à l'établissement du relevé des sommes dues ainsi que l'avis de réception correspondant.

b) inomero y'inyandiko zerekeye ukwihanangiriza zakozwe m bere y'iteranywa ry'amafaranga agomba kwishyurwa Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;

Sd

dđ

de

р

2

S

t

S

p

1

- c) igiteranyo cy'amafaranga y'imisanzu itatangiwe igihe n'ay'inyongera biturutse ku gukererwa ku itariki y'ukwihanangiriza, ukuyemo amafaranga yose yari yararish ywe ku va ukwihanangirizwa gutanzwe kandi akaba yarabazwe ku munsi amafaranga yose agomba kurihwa yateranirijweho;
- d) inzira umukoresha utarishyuye anyuramo ajurira.

Ingingo ya 7

Igiteranyo cy'amafaranga agomba gutangwa gikorwa bakurikije urugero rwometse ku ngereka ya II y'iri teka.

UMUTWE WA IV:

IBIKURIKIZWA MU ITANGWA RY'ICYEMEZO CY'IGITERANYO CY'AMAFARANGA AGOMBA GUTANGWA N'IYISHYUZWA RYAYO KU NGUFU ZA LETA.

<u>Ingingo ya 8</u>

Urugero rw'inyandiko y'amafaranga agomba kwishyurwa rwujujwe incuro enye, rwohererezwa Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kugira ngo arwemeze.

Buri nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa, ijyana na kopi y'ibaruwa cyangwa amabaruwa yihanangiriza bahereyeho bakora igiteranyo cy'ayo mafaranga y'imyenda ndetse n'icyemezo cy'uko uwihanangirijwe yayibonye.

Le Directeur Général de l'Emploi et de la Sécurité Sociale vise le relevé dans un délai de cinq jours et transmet l'original à l'employeur-débiteur, conformément à la procédure prescrite par l'article 9 du présent arrêté.

Des 3 autres exemplaires complétés par l'indication de la date et du visa, il en remet 2 au Directeur de la Caisse Sociale et en conserve le troisième.

Article 9

Le relevé des sommes dues qui vaut titre exécutoire est signifié à l'employeur-débiteur par acte d'huissier ou par tout agent dûment habilité notamment les délégués de la Caisse Sociale et les Inspecteurs du Travail.

Cette signification peut étre faite à partir de l'expiration du délai d'un mois suivant la mise en deneure.

Les frais de signification du relevé des sommes dues, ainsi que ceux de tous les actes de procédure nécessaire à son exécution sont à charge du débiteur sauf dans les cas où l'opposition formée par ce dernier aurait été jugée valable.

是一种,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是 第一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就是一个人,我们就

Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yemeza mu gihe cy'iminsi itanu inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyuzwa kandi akoherereza umukoresha wishyuzwa inyandiko-fatizo y'icyo giteranyo nk'uko bivugwa mu ngingo ya 9 y'iri teka.

Kuri kopi eshatu zisigaye amaze gushyiraho itariki n'icyemezo, ebyiri zohererezwa U m u y o b o z i w'I sanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, indi akayigumana.

Ingingo ya 9

Inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa yemejwe yohererezwa umukoresha wishyuzwa inyujijwe ku muhesha w'urukiko cyangwa undi mukozi ubifitiye uburenganzira, nk'abahagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi n'Abagenzuzi b'Umurimo.

Iryo menyesha rishobora gukorwa hashize igihe cy'ukwezi nyuma y'ukwihanangiriza.

Amafaranga atangwa mu gihe bamenyesha ayo agomba kwishyura n'andi atangwa kugira ngo bikorwe, arihwa n'uwishyuzwa keretse iyo basanze ubujurire bwe bufite ishingiro.

CHAPITRE V.

DE L'OPPOSITION A L'EXECUTION DU RELEVE DES SOMMES DUES.

Article 10 :

L'exécution du relevé des sommes dues peut être interrompue par ordonnance du tribunal sur opposition motivée, formulée par le débiteur, dans les 15 jours à compter de la signification du relevé.

La demande de remise des majorations de retard n'interrompt pas l'exécution du relevé en ce qui concerne les cotisations.

Article 11:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 08 décembre 1987

HABIYAKARE

UMUTWE WA V.

IBYEREKEYE IHAGARIKWA RY'IYISHYUZWA RY'AMAFARANGA AGOMBA GUTANGWA.

Ingingo ya 10:

Iyishyuza ry'amafaranga agomba gutangwa rishobora guhagarikwa n'urukiko iyo uwishyuzwa atanze impamvu zigaragara mu minsi cumi n'itanu uhereye igihe yabimenyesherejwe.

Gusaba gosonerwa amafaranga yishyuzwa agomba gutangwa kubera kutishyurira igihe ntibihagarika gutanga imisanzu.

Ingingo ya 11:

Iri teka ritangira gukurikizwa guhera umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Republika y'u Rwanda

Kigali, ku wa 08 Ukuboza 1987

François

Cì B.

R1

 $C \in \mathbb{N}^{+}$

 $\underline{M} \,]$

R.

K

 \mathbf{N}

A

. 5

,

- 5

REPUBLIQUE RWANDAISE CAISSE SOCIALE DU RWANDA B.P. 250 K I G A L I.

ANNEXE I : MODELE DE LA MISE EN DEMEURE

Compte Banque Nationale : N° C.C.P :	
MISE EN DEMEURE	
Recommandée avec accusé de réception N° Matricule de l'employeur :	_
Kigali, leNotre référence	
Noms et Prénoms ou raison sociale de l'employeur :	•
- Préfecture - Commune - Secteur - Rue, avenue - Boîte postale - Téléphone Monsieur, Madame, Messieurs, J'ai l'honneur de vous faire connaître qu'à la date de la contrait de la compte demeure débiteur envers la Caise sociale du Rwanda suivant décompte ci-dessous :	dı sı
Période Majorations pour de Salaire Cotisations dues pour non versement du relevé nomi des cotisations natif des ralaires sommes dues payes	

11

Le total de ces sommes, à la même date, s'élève à : francs....., sans préjudice de la majorations de 1,50 pour cent par mois ou fraction de mois de retard qui continuera à courir jusqu'à la date du règlement définitif, et sous toute réserve au sujet de la détermination ultérieure du montant exact des cotisations que vous devez effectivement.

l'honneur de vous inviter, conformément aux dispositions de l'article 14 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la sécurité sociale, à régulariser votre situation dans un délai d'un mois à compter de la réception de cette lettre, en vous acquittant des sommes ci-dessus, selon le mode de paiement qui vous convient.

Le présent avis constitue la mise en demeure prescrit par la législation précitée.

Faute par vous d'avoir satisfait, dans le délai d'un mois, au présent avis, vous vous exposez aux sanctions prévues à l'article 50 du Décret-loi du 22 août 1974. Il s'agit d'une amende de 500 à 1.000 FRW et, en cas de récidive, de 1.000 à 5.000 FRW, appliquée autant de fois qu'il y a de salariés dans l'entreprise, sans que le total des amendes puisse cependant dépasser 50.000 FRW ou 250.000 FRW en cas de récidive.

J'ajoute, en toutes fins utiles que si, à l'expiration du délai d'un mois imparti par le présent avis, vous ne vous êtes pas acquitté intégralement des sommes sus-indiquées, je me verrais dans l'obligation de délivrer le " Relevé des sommes dues", prévu à l'article 14 du Décret-loi du 22 août 1974 qui, après avoir été certifié par le Directeur Général de l'Emploi et de la Sécurité Sociale, sera signifié et exécuté par toute voie légale.

Afin d'arrêter le cours des poursuites, je vous saurais pour tout règlement, d'indiquer les références de la présente mise en demeure ainsi que le mode de versement:

- Chèque
- C.C.P.
- Espèces.

Si vous contestez le montant de votre dette, tant en ce qui concerne les cotisations que les majorations de retard, vous pouvez saisir la Commission de Recours Gracieux constituée au sein du Conseil d'Administration de la Caisse Sociale du Rwanda, dans un <u>délai d'un mois</u> qui suit la notification de la présente mise en demeure.

Au cas où la Commission de Recours Gracieux ne répondait pas à votre éventuelle requête dans un délai de <u>deux</u> mois, vous pourriez la considérer comme rejetée et vous pourvoir devant le Tribunal compétent à dater du rejet implicite de ladite requête.

> Le Directeur de la Caisse Sociale du Rwanda

Signature et Cachet

du 08

REPUBULIKA Y'U RWANDA ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI Y'U RWANDA B.P. 250 K I G A L I.

INGEREKA YA I : URUGERO RW'UKWIHANANGIRIZA

N° ibitsamo mu		asiyonali y'u R	wanda :		
UKWIHANANGIRIZ	A				
Gucishijwe mu iposita ku bushinganye.			N° y'ubupatan resha :		
Kigali, Ku wa.		Nomero y	'urwandiko rw	acu	
Amazina y'umuk	oresha cya	ngwa icyo ikigo	kigamije:		
- Komi - Segi - Agah - Agas - Tele	fegitura ni teri akore anda (umuh anduku k'i foni	ramo			
Bwana, Madamu,					
umwenda Isandi	aku y'Ubwit	itariki ya teganyirize bw' erahamwe ikuri)	Abakozi y'u	sanze ufitiy Rwanda nk'uk	
	ra Imisanzu	, Amafaranga y'inyongera bitewe no gutinda kwishyura 	Amafaranga y'inyongera bitewe no gukerererwa gutanga impapuro ziriho imishahara abakozi bahembwe	yose agomba	
1 1	į			1	

3

1 i

k b

b

g ba Igiteranyo cy'ayo mafaranga, kuri iyo tariki, kingana na FRW, hatarimo inyongera ingana n'umugabane wa 1,50 ku ijana buri kwezi cyangwa igice cy'ukwezi uzakererwa izakomeza kubarwa kugeza ku itariki uzaba wishyuriyeho burundu kandi bitabujije igenwa rizakurikiraho ry'amafaranga nyayo y'imisanzu ugomba yose.

Nkurikije amabwiriza y'ingingo ya 14 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi, ngusabye kuba warishyuye amafaranga yavuzwe haruguru mu buryo bugutunganiye mu gihe kitarenze ukwezi kumwe uhereye ku itariki uboneyeho iyi baruwa.

Iyi baruwa ni iyo kukwihanangiriza nk'uko biteganyijwe

Uramutse utubahirije ibivugwa muri iyi baruwa mu gihe cy'ukwezi kumwe, uzahanisha ibihano biteganwa mu ngingo ya 50 y'Itegeko-teka ryo ku ya 22 Kanama 1974. Ni ukuvuga ihazabu y'amafaranga kuva kuri 500 kugeza ku 1000, kandi uramutse usubiriye uzacibwa amafaranga kuva ku 1000 kugeza ku 5000, akubwa incuro z'abateganyirijwe bari mu kigo, ariko umubare wose w'ayo mafranga ntushobora kurenga 50.000 cyangwa 250.000.

Nongeye kukwibutsa ko igihe cy'ukwezi kumwe uhawe n'iyi baruwa nikirangira utarishyura amafaranga yose yavuzwe haruguru, nzakoherereza inyandiko y'"Igiteranyo cy'amafaranga yose ugomba" giteganywa n'ingingo ya 14 y'Itegeko-teka ryo ku ya 22 Kanama 1974 yemejwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi izahita imenyeshwa kandi ikubahirizwa n'amategeko.

Kugira ngo udakomeza gukurikiranwa usabwe kwerekana uburyo wakoresheje wishyura, bwaba ubwa sheki inyuze muri banki, mu iposita cyangwa se ari wowe ubwawe wijyaniye ayo mafaranga mu biro by'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, kandi uburyo bwose ukoresheje bukerekana inomero y'iyi nyandiko ikwihanangiriza.

Niba utemera umubare w'amafaranga yishyuzwa, yaba ay'imisanzu cyangwa ay'inyongera kubera gukererwa, ushobora gutanga ikibazo cyawe mu Nama y'Ubujurire igizwe na bamwe mu bashinzwe Ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, mu gihe cy'ukwezi kumwe uhereye ku itzriki iyi nyandiko ikwihangiriza uyiboneyeho.

Inama y'Ubujurire iramutse itagushubije mu gihe cy'amezi abiri, uzamenye ko ikibazo cyawe kitakiriwe; kuva icyo gihe uzaba ufite uburenganzira bwo kugishyikiriza urukiko rubishinzwe rukaba ari rwo rugikemura.

Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda Umukono na kashi y'Umukoresha.

17

Iyi ngereka igomba gushyirwa ku iteka rya Minisitiri N° 1932/06 ryo ku wa 8 Ukuboza 1987

Kigali, ku wa 08 Ukuboza 1987

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi

HABIYAKARE François

REPUBULIKA Y'U RWANDA ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI Y'U RWANDA B.P. 250 KIGALI.

INGEREKA YA II.

URUGERO RW'IGITERANYO CY'AMAFARANGA AGOMBA KWISHYURWA (*)

Iteka rya Minisitiri N° 1932/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho ibikurikizwa iyo bihanangiriza n'iyo bagena igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa n'impamvu zihamya icyo giteranyo, n'uburyo umukoresha ashobora gukoresha yiregura (ingingo ya 10).

"Iyishyurwa ry'amafaranga agomba gutangwa rishobora guhagarikwa n'Urukiko iyo ugomba kwishyura atanze impapuro zigaragara mu minsi cumi n'itanu uhereye igihe Yabimenyesherejwe.

- Gusaba isubirwamo ry'amafaranga agomba gutangwa ntibihagarika itangwa ry'imisanzu ishyirwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.
- Icyemezo cy'Urukiko rwajuririwe gihita gikurikizwa n'iyo habayeho ubundi bujurire".

Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirise bw'Abakozi i Kigali ashingiye ku ngingo ya 5 y'Iteka rya Minisitiri Nº 1932/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho ibikurikizwa iyo bihanangiriza n'iyo bagena igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa; amaze kubona ko yoherereje k u wa ····· ibaruwa

yihanangiriza, yemeye ko amafaranga agomba kwishyurwa
angana na
kugeza ku wa
nk'uko imibare ikurikira ibisobanura : - Imisanzu
- Amafaranga atangwa kubera gutinda kwishyura
 Amafaranga y'inyongera kubera gutanga impapuro z'imisanzu akererewe
- Amafaranga yatanzwe bamaze kwohereza ibaruwa yihanangiriza (**)
- Igiteranyo cy'amafaranga y'imisanzu n'ay'inyongera
(
Umubare w'amafaranga yose agomba kwishyurwa na Bwana (amazina, icyo akora, aho aboneka)
Azishyurwa binyujijwe mu nzira z'amategeko.
I ku wa
Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

^{*)} Kubyuzuza mu mpapuro enye :

 ¹ jugenewe ibito byakira imisanzu mu IUA;

⁻ Lrugenewe Umuyohozi w'Isanduku

y Uhwiteganyirize hw Ahakozi.

⁻ Lingenewe Umuyobozi Mukutu w'Imuneto

n Uhwiteganyniza hw Abakozi.

I rugenewe umukoresha wishyuzwa

^{**)} Utabariyemo ayatanzwe artko atarahonerwa impapino zemeza ko yakunwe

L'an mil neuf cent le jour du mois de agissant en qualité de Directeur Général de l'Emploi et de la Sécurité Sociale :

- Vu l'article 14 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale;
- Vu l'article 5 de l'arrêté ministériel nº 1932/06 du 08 décembre 1987 précisant les formes de la contrainte;
- Vu le relevé des sommes dues ci-contre;

Certifions que le présent relevé des sommes dues a été établi conformément à la loi et sera exécuté comme tel.

Fait à le le

Le Directeur Général de l'Emploi et de la Sécurité Sociale

Signature et Cachet

Vu pour être annexé à l'arrêté ministériel n° 1932/06 du 08 décembre 1987.

Le Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle,

HABIYAKARE François

Tw∈

bw′

kw kui

19

ICYEMEZO CY'UMUYOBOZI MUKURU W'IMIRIMO N'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI

- Dushingiye ku ngingo ya 14 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- Tumaze kubona ibivugwa mu ngingo ya 5 y'iteka rya Minisitiri N° 1932/06 ryo ku wa 08 Ukuboza 1987 isobanura ibikurikizwa iyo bihanangiriza;
- Tumaze kubona igiteranyo cy'amafaranga agomba gutangwa cyanditse kuri uru rupapuro rubanza;

Twemeje ko iki giteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa cyakozwe gikurikije amategeko kandi ko kigomba kubahirizwa nk'uko abiteganya.

Bikorewe iku wa

Umuyobozi Mukuru w'Imirimo n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi

Umukono na Kashe.

Iyi ngereka igomba gushyirwa ku Iteka rya Minisitiri N° 1932/06 ryo ku wa 08 Ukuboza 1987.

Kigali, ku wa 08 Ukuboza 1987

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi

HABIYAKARE François

ARRETE PRESIDENTIEL N° 671/06 DU 21 DECEMBRE 1987 DETERMINANT LES MODALITES D'IMMATRICULATION DES EMPLOYEURS, D'AFFILIATION DES TRAVAILLEURS, DE PERCEPTION DES COTISATIONS, DE LIQUIDATION DU SERVICE DES PRESTATIONS

Nous, HABYARIMANA Juvénal, Président de la République,

Vu le Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale au Rwanda, spécialement en son article 35;

Sur proposition de Notre Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle et de Notre Ministre de la Santé Publique et des Affaires Sociales et après avis du Conseil du Gouvernement en sa séance du 27 novembre 1987.

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

CHAPITRE I.

DU CHAMP D'APPLICATION.

Article premier

Est considéré comme employeur et soumise aux dispositions du présent Arrêté, toute personne physique ou morale, publique ou privée, employant une ou plusieurs personnes appartenant aux catégories ci-après :

a) les travailleurs soumis aux dispositions du Code du Travail, sans distinction de race, de nationalité, de sexe ou d'origine, lorsqu'ils sont employés à titre principal sur le territoire national, pour le compte d'un ou plusieurs employeurs publics ou privés, nonobstant la nature, la forme, la

ITEKA RYA PREZIDA N° 671/06 RYO KU WA 21 UKUBOZA 1987 RISHYIRAHO UBURYO ABAKORESHA N'ABAKOZI BANDIKWA MU ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI, UBURYO AMAFARANGA YAKIRWA, UKO ABARWA N'UKO AHABWA ABAYAGENEWE

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali, Prezida wa Repubulika,

Tumaze kubona Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 35;

Tubisabwe na Minisitiri Wacu w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi na Minisitiri Wacu w'Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage, kandi tumaze kumva icyifuzo cy'Inama ya Guverinoma yateranye ku wa 27 Ugushyingo 1987.

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

UMUTWE WA I.

IBIREBWA N'ITEKA.

Ingingo ya mbere

Uwitwa umukoresha kandi agomba gukurikiza ingingo ziri muri iri teka, ni umuntu wese ku giti cye cyangwa abantu bishyize hamwe, Leta cyangwa uwikorera ku giti cye, bakoresha umuntu umwe cyangwa abantu benshi bari muri izi nzego:

a) abakozi bagengwa n'itegeko rishyiraho Amategeko Agenga Imirimo, hadakurikijwe inkomoko, ubwenegihugu, igitsina cyangwa idini mu gihe akazi bashingiyeho gakorerwa mu Rwanda, bakorera umukoresha umwe cyangwa abakoresha benshi, nta kureba imimerere y'amapatano n'igihe azamara, cyangwa ingano y'umushahara n'ubwoko bwawo;

validité du contrat ou le montant et la nature de la rémunération;

b) les membre des services de l'Etat.

CHAPITRE II.

DE L'IMMATRICULATION DES EMPLOYEURS À LA CAISSE SOCIALE.

Article 2

Dans les huit jours suivant la date à laquelle il occupe un ou plusieurs travailleurs, l'employeur est tenu d'établir une demande d'immatriculation en deux volets et d'adresser le volet A à la Caisse Sociale du Rwanda, le volet B étant à conserver dans ses archives. Cet imprimé est délivré par la Caisse Sociale du Rwanda sur dmande de l'employeur.

Si une même entreprise comporte plusieurs établissements ayant chacun une comptabilité distincte, l'employeur établit une demande d'immatriculation séparée pour chacun des établissements.

Article 3

- 1. La demande d'immatriculation des employeurs autres que ceux du personnel de maison, doit comporter les renseignements suivants:
- a) les noms et prénoms de l'employeur;
- b) la dénomination ou la raison sociale de l'entreprise ou de l'établissement comportant l'adresse complète:
 - Préfecture
 - Commune
 - Localité Secteur
 - Cellule

b) Abakozi ba Leta.

UMUTWE WA II.

IBYEREKEYE IYANDIKWA RY'ABAKORESHA MU ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI.

<u>Ingingo ya 2</u>

Mu minsi umunani ikurikira itariki umukoresha yahereyeho umukozi umwe cyangwa benshi akazi, ategetswe kuzuza ibipande bibiri by'urupapuro rusaba kwandikwa no kwohereza igipande cya mbere mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi naho icya kabiri akagishyira mu bushyingura-nyandiko bwe. Urwo rupapuro rutangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi rusabwe n'umukoresha.

Iyo ikigo gifite amashami menshi, buri shami rifite ibaruramari ryayo, umukoresha agomba kurishakira inomero y'ubwiteganyirize yihariye.

<u>Ingingo ya 3</u>

- 1. Uretse abakoresha abakozi bo mu rugo, abandi bakoresha basaba kwiyandikisha bandikwa ku mpapuro ziriho ibi :
- a) amazina y'umukoresha
- b) izina ry'ikigo cyangwa iry'ishami ryacyo n'icyo bigamije, biriho aderese yuzuye:
- Perefegitura
- Komini
- Akarere Segiteri
 - Selire

- Rue ou Avenue
- Boîte postale;
- c) le genre d'activité de l'entreprise ou de l'établissement;
- d) la date à partir de laquelle le personnel a été employé dans l'entreprise ou l'établissement ainsi que l'effectif de ce personnel au moment où la déclaration est établie;
- e) le numéro d'inscription au registre du commerce s'il y a lieu;
- f) s'il s'agit d'une reprise d'entreprise, le nom du prédécesseur et la date de reprise.
- 2. La demande d'immatriculation pour les employeurs du personnel de maison, doit mentionner les renseignements suivants:
- a) les noms et prénoms de l'employeur;
- b) la qualité de l'employeur;
- c) l'adresse de l'employeur comportant s'il y a lieu le numéro de la boîte postale;
- d) l'effectif du personnel au moment de la déclaration.
- 3. Toute demande d'immatriculation doit être dûment complétée, datée et signée par l'employeur ou son représentant.

Dans les huit jours qui suivent la réception de la demande d'immatriculation, la Caisse Sociale notifie à l'employeur le numéro matricule qui lui a été attribué et qui devra être inscrit sur toute

- Umugenderano cyangwa ibarabara
- Agasanduku k'iposita;
- c) ubwoko bw'ibikorerwa muri icyo kigo cyangwa mu ishami ryacyo;
- d) i t a r i k i a b a k o zi batangiriyeho mu kigo cyangwa mu ishami ryacyo hamwe n'umubare w'abo bakozi igihe bamenyekanishijwe;
- e) inomero umukoresha yanditsweho mu gitabo cy'ubucuruzi niba ayifite;
- f) niba hari isimburana ry'ikigo, izina ry'uwari ugisanganwe n'itariki y'isimbura.
- 2. Urupapuro rusabira abakozi bo mu rugo gushyirwa mu Bwiteganyirize bw'Abakozi rugomba kwerekana ibi:
- a) amazina y'umukoresha;
- b) icyiciro umukoresha arimo;
- c) aderese y'umukoresha iriho inomero y'agasanduku k'iposita niba ayifite;
- d) umubare w'abakozi afite mu gihe abandikisha.
- 3. Umukoresha cyangwa umusimbura we yuzuza buri rupapuro rusabishwa inomero y'u bwitegan yirize, akanashyiraho itariki n'umukono.

<u>Ingingo ya 4</u>

Mu minsi umunani ikurikira igihe yaboneyeho ibaruwa isaba kwinjira mu Bwiteganyirize bw'Abakozi, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi imenyesha umukoresha inomero yamuhaye izajya

cor adr

Art

vér pas l'e en d'

tr: mer

a)

b)

C)

d)

e) f)

g)

h)

de êt

su

correspondance ou document lui adressé.

CHAPITRE III.

DE L'IMMATRICULATION DES TRAVAILLEURS A LA CAISSE SOCIALE.

Article 5.

- 1. Dans le cas où il est vérifié que le travailleur n'a pas encore été immatriculé, l'employeur est tenu d'établir en deux volets une demande d'immatriculation de ce travailleur dans lequel il mentionne :
- a) le numéro matricule, le nom ou la raison sociale et l'adresse de l'employeur;
- b) les noms et prénoms du travailleur et pour les femmes mariées le nom de jeune fille s'il y a lieu;
- c) les noms et prénoms de son père et de sa mère;
- d) le lieu et la date ou l'année de sa naissance;
- e) sa nationalité;
- son adresse actuelle;
- g) le numéro, la date et le lieu de délivrance soit de la carte d'identité, soit de l'acte de naissance du travailleur ou du jugement supplétif;
- n) la date et le lieu de l'embauche.
- 2. Le premier volet de cette demande d'immatriculation doit être transmis à la Caisse Sociale dans les huit jours suivant l'engagement; le

ishyirwa kuri buri nyandiko yose azajya ayoherereza.

UMUTWE WA III.

IBYEREKEYE IYANDIKWA RY'ABAKOZI MU ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI.

Ingingo ya 5.

- 1. Iyo basanze umukozi atarigeze ahabwa inomero y'ubwiteganyirize, umukoresha agomba kumwuzuriza urupapuro rugizwe n'ibipande bibiri rumusabira kwinjira mu bwiteganyirize akandikaho ibi:
- a) inomero y'ubwiteganyirize bw'umukoresha mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, izina rye, icyo agamije na aderese ye;
- b) amazina y'umukozi, ku bagore bashyingiwe izina ryabo batarashyingirwa iyo bibaye ngombwa;
- c) amazina ya se na nyina b'umukozi;
- d) aho yavukiye n'itariki cyangwa umwaka yavutsemo;
- e) ubwenegihugu bwe;
- f) aderese y'umukozi igihe yandikwa;
- g) inomero, itariki n'aho umukozi yafatiye irangamuntu cyangwa icyemezo cy'amavuko cye cyangwa ikiyisimbura gitangwa n'urukiko;
- h) i t a r i k i u m u k o zi yatangiriyeho akazi n'aho akorera.
- 2. Igipande cya mbere cy'urupapuro rusaba inomero y'ubwiteganyirize kigomba koherezwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu

deuxième étant à conserver dans les archives de l'employeur.

11

3. La Caisse Sociale procède à l'immatriculation de tous les travailleurs tels qu'ils sont définis à l'article premier du présent arrêté.

Article 6:

Il est constitué un "carnet d'assurance" dont le modèle est fixé par arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. Ce carnet est destiné à consigner, outre l'identité du travailleur, les renseignements essentiels sur les périodes d'emploi et comporte un numéro matricule qu'il conserve pendant toute sa carrière professionnelle.

La première page du carnet concernant les renseignements relatifs à l'identification du travailleur et le numéro matricule devra être établie avec un feuillet supplémentaire détachable rempli par duplication, qui sera conservé par la Caisse Sociale.

La Caisse Sociale établit un carnet d'assurance qu'elle remet au travailleur par l'intermédiaire de l'employeur.

Dans l e cas οù travailleur déclare avoir perdu son carnet d'assurance, la Caisse Sociale lui en délivre un duplicata portant le même numéro, moyennant un prix fixé par arrêté du Ministre ayant la Sécurité Sociale dans ses attributions. reconstitution des carrières est portée sur le nouveau carnet au vu des certificats de travail justificatifs et après vérification avec le compte individuel du travailleur détenu par la Caisse Sociale.

minsi umunani ikurikira umunsi umukozi yatangiriyeho akazi naho icya kabiri kibikwa n'umukoresha.

3. I sandu ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi iha inomero abakozi bose nk'uko bivugwa mu ngingo ya mbere y'iri teka.

Ingingo ya 6:

Hashyizweho "agatabok'ubwiteganyirize" gateyenk'uko iteka rya Minisitiri ushinzwe Ubwiteganyirizebw'Abakozi ribigena. Akogatabo kagomba kwandikwamo, usibye umwirondoro w'umukozi, ibyangombwa byerekeye ibiheby'akazi, kakanandikwahoinomero y'ubwiteganyirizeumukozi azahorana igihe cyoseazaba akora.

Urupapuro rwa mbere rw'ako gatabo ruriho ibyerekeye umwirondoro w'umukozi n'inomero ye y'ubwiteganyirize rugomba kuba rubangikanye n'urundi rurwuzuza rwanditseho bimwe, rugasigara mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y u z u z a a g a t a bo k'ubwiteganyirize ikakoherereza umukozi ikanyujije ku mukoresha.

Iyo umukozi avuze yataye agatabo k'ubwiteganyirize, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi imuha akandi gahuje inomero n'aka mbere amaze kwishyura ikiguzi cyako ku giciro gishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Ibihe byose yakoze byandikwa mu gatabo gashya yerekanye ibyemezo ruhamya by'akazi kandi bamaze kureba uko imisanzu ye yagiye yinjira mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi.

Au moment de l'engagement d'un travailleur, l'employeur est tenu de lui réclamer le carnet d'assurance prévu à l'article 6 du présent arrêté sur lequel il appose la mention de la date d'embauche, le nom ou la raison sociale de son établissement et le numéro matricule d'employeur à la Caisse Sociale, le tout attesté par sa signature.

Lors du départ d'un travailleur, l'employeur appose également sur le carnet la date de rupture du contrat de travail et les mêmes renseignements le concernant, le tout attesté par sa signature.

Il est formellement interdit à l'employeur d'y ajouter toute autre mention et en particulier d'y apporter des appréciations sur le titulaire du carnet ou l'indication de son salaire.

CHAPITRE IV.

DE LA DETERMINATION ET DE LA DECLARATION DES COTISATIONS DUES.

Article 8

Les cotisations de Sécurité Sociale sont dues pour chaque mois au cours duquel se situe une periode de service effectif, une période de congés rémunérés, ou toute autre période assimilée pendant laquelle l'employeur est tenu au payement de tout ou partie de la rémunération.

Article 9

1. Par rémunération on entend la somme totale représentative de l'ensemble des avantages consentis au travailleur en contrepartie ou à l'occasion du travail.

Ingingo ya 7

Igihe umukozi ahawe akazi, umukoresha we ategetswe k u m w a k a a g a t a bo k'ubwiteganyirize kavugwa mu ngingo ya 6 y'iri teka akandikamo itariki umukozi atangiriyeho akazi, izina ry'ikigo cye cyangwa icyo kigamije, inomero z'umukoresha mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, byose akabishyiraho umukono we.

Iyo umukozi avuye mu kigo yakoragamo, umukoresha nabwo agomba kwandika mu gatabo k'ubwiteganyirize itariki aviriyeho ku kazi n'ibindi byerekeye umwirondoro we byose akabishyiraho umukono we.

Umukoresha abujijwe rwose kugira ikindi yongeraho cyerekeye umukozi, ari icyerekeye imikorere cyangwa se umushahara bya nyir'agatabo.

UMUTWE WA IV.

IBYEREKEYE IGENWA RY'IMISANZU N'UKO ITANGWA.

Ingingo ya 8

Amafaranga ategetswe gutangirwa Ubwiteganyirize bw'Abakozi atangwa kuri buri kwezi bakoze, cyangwa ikiruhuko gihemberwa, cyangwa se ibindi bituma umukoresha ahemba umushahara wose cyangwa igice cyawo.

Ingingo ya 9

1. Igihembo ni igiteranyo cy'inyungu zose umukozi abona kubera akazi akora.

- 2. Cette somme comprend notamment le salaire, gain ou traitement, les commissions, gratifications, les indemnités, primes et avantages suivants :
- indemnités de fonction de risque et de logement;
- prime de technicité, d'ancienneté, d'assiduité, de rendement et de panier;
- primes ou gratification exceptionnelle de fin d'année;
- pourboires fixés;
- majoration pour heures supplémentaires;
- participation aux bénéfices;
- contrevaleur des avantages en nature dans les conditions et limites réglementaires;
- indemnités compensatrices de congés payés et de préavis en cas de rupture du contrat de travail;
- sommes versées pendant la période précédant et suivant l'accouchement;
- sommes versées par l'employeur en application du Code du Travail en cas de suspension du contrat de travail.
- 3. Ne sont pas considérés comme éléments de rémunérations:
- les allocations ou indemnités familiales éventuellement versées;
- les indemnités de déplacement et de frais de voyage;

- 2. Ayo mafaranga agizwe cyane cyane n'igihembo, urwunguko cyangwa umushahara, ay'ubutumwa, ay'ishimwe, ay'indishyi, ay'akarusho n'andi umukoresha yongera ku mushahara w'umukozi ari yo aya:
- amafaranga umukozi ahabwa kubera ingorane zituruka ku kazi n'ay'icumbi;
- ishimwe ry'ubuhanga, ry'uburambe ku kazi, ryo kwita ku kazi, kugakora neza n'ay'impamba;
- amashimo adasanzwe batanga iyo umwaka urangiye;
- amafaranga y'ishimwe adahinduka;
- inyongera z'umushahara kubera amasaha y'inyongera;
- umugabane ku nyungu
- igihwanye n'inyungu mu bintu ariko bitarengeje uko amategeko abigena;
- amafaranga y'ikiruhuko gihemberwa n'ay'integuza mu gihe cy'iseswa ry'amasezerano y'akazi;
- umubare w'amafaranga atangwa mu gihe kibanziriza n'igikurikira ukubyara k'umugore;
- amafaranga yose umukoresha atanga ku mukozi iyo yahagaritse amasezerano y'akazi nk'uko biteganijwe n'amategeko agenga imirimo.
- 3. Ibi ntibikubiye mu mushahara:
- amafaranga bashobora gutanga mu gufasha umuryango w'umukozi;
- amafaranga y'urugendo;

p

é

l a

- les primes de salissure et de travaux insalubres
- les primes d'outillage;
- les remboursements de soins de santé;
- les indemnités de licenciement allouées en sus de l'indemnité de préavis;
- d'une manière générale, muri rusan toutes indemnités ayant un atangwa ki caractère de remboursement de ayo yata frais.

- 1. L'employeur établit, pour chaque entreprise ou établissement ayant fait l'objet d'une immatriculation auprès de la Caisse Sociale une déclaration en quatre exemplaires indiquant:
- a) les noms et prénoms de l'employeur, la raison sociale de l'entreprise;
- b) le numéro matricule qui lui a été attribué par la Caisse Sociale;
- c) l'établissement pour lequel le document est établi;
- d) la période trimestrielle à laquelle le document se rapporte;
- e) les noms et prénoms des travailleurs employés dans l'entreprise ou l'établissement;
- f) le numéro matricule de chaque travailleur à la sécurité sociale;
- g) le montant des rémunérations payées à chaque travailleur et qui sont prises en considération pour le calcul de la cotisation;

- amafaranga baha umukozi kubera ko yandujwe n'akazi cyangwa iyo akazi gatera ingaruka mbi ubuzima bwe;
- amafaranga y'ibikoresho;
- ubwishyu bw'amafaranga yatanzwe kwa muganga;
- indishyi zo kwirukanwa zongerwa ku mafaranga y'integuza;
- muri rusange, andi mafaranga atangwa ku mukozi bamuriha ayo yatanze ku mpamvu z'akazi.

<u>Ingingo ya 10</u>

- 1. Kuri buri kigo cyangwa ishami byafatiwe inomero mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, umukoresha yandika ku mpapuro enye icyemezo gikubiyemo ibi kuri buri rupapuro:
- a) amazima y'umukoresha, icyo ikigo kigamije;
- b) inomero y'ubwiteganyirize yahawe n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- c) ishami inyandiko yakorewe;
- d) igihembwe iyo nyandiko yakorewe;
- e) amazina y'abakozi bakora muri icyo kigo cyangwa muri iryo shami;
- f) inomero y'ubwiteganyirize ya buri mukozi mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi
- g) igiteranyo cy'imishahara ya buri mukozi ari cyo baheraho babara umusanzu w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;

 h) le montant de la cotisation totale due pour le trimestre considéré arrondi au franc supérieur ainsi que le total des rémunérations ayant servi de base au calcul des cotisations;

3 7

- i) les périodes de service de chaque travailleur au cours du trimestre considéré;
- j) la date et le mode de paiement des cotisations dues;
- 2. La déclaration datée et signée doit être établie pour chaque trimestre civil au cours duquel le personnel a été employé.
- (3). Si aucun travailleur n'a été employé au cours du trimestre considéré, l'employeur est tenu d'adresser à la Caisse Sociale une déclaration faisant état de cette situation.
- 4. En cas de cessation définitive des activités, l'employeur est tenu d'établir une déclaration qu'il fait parvenir à la Caisse Sociale au cours du trimestre qui suit celui de la cessation définitive desdites activités.

Article 11

L'original de la déclaration prévue à l'article 10 ci-dessus doit être adressé à la Direction de la Caisse Sociale, dans le mois qui suit l'expiration du trimestre auquel il se rapporte.

- h) umubare w'amafaranga yose y'umusanzu ugomba gutangwa muri icyo gihembwe bawuhiniye ku kizima kisumbuye gikurikira hamwe n'igiteranyo cy'imishahara yose bahereyeho babara iyo misanzu;
- i) ibihe buri mukozi yakozemo muri icyo gihembwe;
- j) itariki n'uburyo imisanzu itegetswe itangwa;
- 2. Urupapuro rumenyesha ubwiteganyirize bw'abakozi, ruriho itariki n'umukono w'umukoresha rugomba kwandikwaho buri gihembwe abakozi bakozemo.
- 3. Iyo hari igihembwe umukoresha atagize umukozi n'umwe akoresha, agomba kubimenyesha Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.
- 4. Iyo umukoresha ahagaritse imirimo ye burundu ategetswe kubikorera inyandiko yoherereza Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu gihembwe gikurikiye icyo yahagarikiyemo burundu iyo mirimo.

<u>Ingingo ya 11</u>

Urupapuro rw'ifatizo mu zivugwa mu ngingo ya 10 ibanza, rugomba koherezwa mu Buyobozi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu kwezi gukurikira impera z'igihembwe rwakorewe.

Art

réc pé n : l'a la

du. 1 ′ co 1 ∈ 1′

dé le sex consor proposition de le sex consor proposition de la consor

d:

rE

<u>F</u>

~

Les compléments et régularisation afférents à des périodes antérieures et de nature à entraîner l'augmentation, la réduction ou la suppression des cotisations dues à la Caisse Sociale, font l'objet de déclarations complémentaires établies dans les conditions prévues à l'article 10 du présent arrêté.

Il doit être établi une déclaration par trimestre pour lequel une régularisation s'avère nécessaire. Les exemplaires de la déclaration complémentaire datée et signée sont adressés par la voie la plus rapide à la Caisse Sociale, à l'Inspecteur du Travail et à l'agent de liaison de la Caisse Sociale du ressort.

CHAPITRE V.

DU VERSEMENT DES COTISATIONS.

Article 13

- Les cotisations doivent être versées à la Caisse Sociale par l'employeur, dans le mois qui suit le trimestre auquel elles se rapportent.
- 2. L'employeur peut s'acquitter du versement des cotisations soit par le paiement direct au guichet de la Caisse Sociale, soit par virement bancaire ou postal.
- L'avis de virement bancaire ou postal doit mentionner :
- a) les nom et prénom de l'employeur, la raison sociale de l'entreprise;

<u>Ingingo</u> ya 12

Ibyuzuza n'ibikosora ibyabaye mu bihe byashize kandi bishobora kongera kugabanya cyangwa kuvanaho imisanzu itangwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi bishyirwa mu nyandiko z'ingereka nk'uko biteganywa mu ngingo ya 10 y'iri teka.

Iyo kwishyura umwenda bibaye ngombwa bigomba gukorerwa inyadiko buri gihembwe, kopi z'iyo nyandiko yuzuza ziriho itariki n'umukono zohererezwa ku buryo bwihuse mu Insanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, ku Mugenzuzi w'Imirimo no ku uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi muri ako karere.

UMUTWE WA V.

IBYEREKEYE ITANGWA RY'IMISANZU.

<u>Ingingo ya 13</u>

- Umukoresha agomba kugeza imisanzu mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu kwezi gukurikira igihembwe iyo misanzu itangiwe.
- 2. Umukoresha ashobora gutanga imisanzu y'ubwiteganyirize bw'abakozi ayigereje ubwe mu b i r o b y ' I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyangwa se ayinyujije muri banki cyangwa se mu iposita.
- 3. Icyemezo cy'uko ayo mafaranga yatanzwe muri banki cyangwa mu iposita kigomba kwerekana ibi :
- a) amazina y'umukoresha, icyo ikigo kigamije;

1

- c) la période à laquelle se rapportent le versement ou éventuellement les raisons qui motivent celui-ci.
- 4. Les versements relatifs aux c o m p l é m e n t s et régularisations visés à l'article 12 du présent arrêté doivent être adressés à la Caisse Sociale dans le m o i s q u i s u it l'établissement des déclarations de cotisations correspondantes et selon les modalités prévues au point 2 du présent article.

Article 14

L'employeur qui ne respecte pas les délais prévus aux points 1 et 4 de l'article 13 ci-dessus est passible de la majoration prévue à l'article 14 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la sécurité sociale.

CHAPITRE VI.

DE LA DEMANDE DES PENSIONS DE VIEILLESSE, ANTICIPEE, D'INVALIDITE ET DE SURVIVANTS

<u>Section 1 : Dispositions</u> communes

Article 15

La demande de pension de vieillesse, de pension anticipée, de pension d'invalidité ou de survivants doit être établie en quatre exemplaires sur des imprimés délivrés par la Caisse Sociale et remise par le demandeur soit au Bourgmestre, soit au Sous-Préfet de Sous-Préfecture, soit à l'agent de liaison de la Caisse Sociale du ressort.

- b) i n o m e r o I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yahaye umukoresha, ikigo cyangwa ishami ryacyo;
- c) igihemwe ayo mafaranga yatangiwe cyangwa se ibisobanuro by'icyo atangiwe niba ari ngombwa.
- 4. Amafaranga atangwa ari ay'inyongera cyangwa yaratinze gutangwa nk'uko bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri teka yoherezwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu kwezi gukurikira igihe bamenyesheje ko bazatangira ayo mafaranga kandi bakurikije uko biteganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 14

Umukoresha utubahiriza ibihe biteganyijwe mu gika cya 1 n'icya 4 by'ingingo ya 13 y'iri teka, ahanishwa gutanga inyongera yateganijwe mu ngingo ya 14 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

UMUTWE WA VI.

IBYEREKEYE ISABWA RYA PANSIYO Y'UBUSAZA, IY'IMBURAGIHE, IY'UBUMUGA N'IY'ABO UWAPFUYE ASIZE.

Igice ya 1: Amategeko rusange

Ingingo ya 15

Isabwa rya pansiyo y'ubusaza, iy'imburagihe, iy'ubumuga cyangwa se iy'abo uwapfuye asize, rigomba gukorerwa kuri kopi enye z'impapuro zitangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kandi usaba akazishyikiriza Burugumesitiri cyangwa Superefe wa Superefegitura cyangwa se uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi muri ako karere.

La date de remise de la demande aux autorités ci-haut citées est réputée date de réception de la demande de la Caisse Sociale.

Celles-ci prêtent leurs bons offices aux demandeurs pour l'établissement de la demande, sur base des pièces justificatives.

L'autorité compétente vise la demande et atteste qu'elle a été établie conformément aux pieces justificatives d'usage.

L'autorité compétente porte sur la demande de pension :

- a) la date à laquelle le demandeur s'est présenté devant elle en vue d'accomplir les formalités nécessaires à l'introduction de sa demande;
- b) l'âge de l'intéressé et la nature du document ayant permis de le constater, ou les raisons qui permettent de présumer de cet âge.

Cette autorité certifie en outre qu'elle a vérifié l'exactitude des déclarations du demandeur en ce qui concerne son identité et son numéro matricule à la sécurité sociale, et qu'elle n'est pas en possession d'éléments permettant d'infirmer ces déclarations.

Article 16

L'autorité compétente remet un exemplaire visé au demandeur. S'il s'agit du Bourgmestre ou du Sous-Préfet, celui-ci dépose les autres exemplaires au bureau de liaison de la Caisse Sociale du ressort. Itariki abibashyikirijeho ni yo tariki yemewe ko Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi iba iboneyeho izo mpapuro.

Abo bategetsi bafasha usaba pansiyo kuzuza ibyerekeye ikibazo cye bashingiye ku mpapuro zibigenewe zibyemeza.

Umutegetsi ubigenewe asuzuma kandi akemeza ko isaba ryakozwe rikurikije impapuro zibigenewe zibyemeza.

Umutegetsi ubigenewe yandika ku rupapuro rusaba pansiyo:

- a) itariki usaba yamugereyeho ngo amwuzurize ibyangombwa bijyana n'isaba rya pansiyo;
- b) imyaka y'ubuvuke y'uyisaba n'ibyangombwa byatumye bayimenya cyangwa se izindi mpamvu zituma bamuha iyo myaka.

Uwo mutegetsi yemeza kandi ko yasuzumye neza ibyo usaba yamubwiye ku byerekeye umwirondoro na nomero ye y'ubwiteganyirize kandi ko nta bindi bimenyetso yaba afite bituma ahakana ibyo avuga.

<u>Ingingo ya 16</u>

Umutegetsi ubigenewe ashyikiriza usaba pansiyo kopi imwe yashyizweho umukono we. Iyo uwo mutegetsi ari Burugumesitiri cyangwa Superefe, ageza izindi kopi ku biro by'akarere by'uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

L'agent de liaison transmet à la Caisse Sociale deux exemplaires de la demande accompagnés de pièces justificatives et conserve un exemplaire dans ses archives.

Article 17

Lors de l'introduction d'une demande de pension, le demandeur doit faire connaître:

- a) ses nom, prénom et éventuellement surnom et pour la femme mariée, le nom de jeune fille, s'il y a lieu;
- b) ses date et lieu de naissance;
- c) les noms de ses père et mère;
- d) son numéro matricule à la Sécurité Sociale et, le cas échéant le numéro de sa carte d'identité;
- e) les périodes de service accomplies en indiquant pour chacune d'elles :
 - le début et la fin du service;
 - les nom, prénom et dénomination de l'employeur chez lequel les services ont été effectués;
- f) la date à laquelle il a cessé ou cessera ses activités;
- g) le cas échéant, la rente dont il bénéficie au titre de réparation des accidents du travail et des maladies professionnelles, ainsi que le numéro de la décision d'attribution de la rente;
- h) l'adresse à laquelle il résidera lors de la première échéance de la pension.

Uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ayoherereza kopi ebyiri ziherekejwe n'ibyemezo, agasigarana kopi imwe.

Ingingo ya 17

Mu isaba rya pansiyo, uyisaba agomba kuvuga ibi :

- a) amazina ye byaba ngombwa n'irihimbano, ku mugore washyingiwe, izina rye atarashyingirwa iyo ari ngombwa;
- b) itariki yavutseho n'aho yavukiye;
- c) amazina ya se na nyina;
- d) inomero ye y'ubwiteganyirize m u I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, byaba bishoboka agashyiraho inomero y'ikarita imuranga;
- e) ibihe by'akazi yakoze asobanura kuri buri gihe :
 - igihe yatangiriye n'igihe yarangirije gukora,
 - amazina ya buri mukoresha yakoreye cyangwa uko ibigo yakoreye byitwa;
- f) itariki yarekeyeho akazi, cyangwa se azakarekeraho;
- g) igihe bishobotse, amafaranga agomba kubona kubera ibyago, indwara ziturutse ku kazi hamwe n'inomero y'icyemezo kimuhesha ayo mafaranga;
- h) aderese y'aho azaba atuye igihe bazamwoherereza pansiyo bwa mbere.

Section 2: <u>Pensions de</u> vieillesse et anticipée

Article 18

Lorsqu'il s'agit d'une pension de vieillesse, le demandeur doit en outre declarer s'il bénéficie d'une pension d'invalidité à charge de la Caisse Sociale et, dans l'affirmative, le numéro de la décision d'attribution de la pension.

Article 19

Avant d'introduire la demande de pension anticipée, l'assuré doit, sur sa propre initiative ou à celle de l'employeur, passer devant une commission médicale créée par le Ministre ayant la Santé Publique dans ses attributions. Cette commission doit se prononcer au plus tard dans les nois suivant la date de reception de la demande.

La demande de pension anticipée doit être accompagnée d'un certificat établi à cet effet par la commission médicale et qui indique, outre les renseignements relatifs à l'identité du travailleur et prévus à l'article 17 du présent arrêté:

- a) que l'usure prématurée des facultés physiques ou mentales du demandeur l'empêche d'exercer une activité salariée;
- b) que cette usure n'est pas due à une maladie ou un accident ayant une origine professionnelle;
- c) que la commission médicale a procédé ou fait procéder à des examens. En ce cas, elle joint au certificat les résultats d'analyses ou d'examen des spécialistes consultés.

Igice cya 2 : Pansiyo y'ubusaza n'iy'imburagihe

Ingingo ya 18

13

Iyo ari isaba rya pansiyo y'ubusaza, usaba agomba kandi kuvuga niba afite pansiyo y'ubumuga itangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi hanyuma byaba ari byo, akanatanga inomero y'icyemezo kimuhesha iyo pansiyo.

Ingingo ya 19

Mbere yo gusaba pansiyo y'imburagihe, uwateganyirijwe abyisabiye cyangwa bisabwe n'umukoresha, agomba gusuzumwa n'akanama k'abaganga kashyizweho na Minisitiri ushinzwe ubuzima abisabwe n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Ako kanama kagomba kuba katanze raporo y'isuzuma mu gihe kitarenze amezi atatu uhereye ku munsi kashyikirijweho icyo kibazo.

Isaba rya pansiyo y'imburagihe rigomba guherekezwa n'icyemezo gitangwa n'akanama k'abaganga gasobanura, usibye ibyerekeye ibiranga umukozi biteganyijwe mu ngingo ya 17 y'iri teka:

- a) ko uko gusaza mbere y'igihe ku mbaraga no ku bwenge by'usaba pansiyo bidatuma akomeza gukora akazi gahemberwa;
- b) ko uko gusaza kutatewe n'indwara cyangwa ibyago bituruka ku kazi;
- c) ko akanama k'abaganga kakoze cyangwa kakoresheje isuzuma. Icyo gihe kohererezanya n'icyemezo ibisubizo by'isuzumwa ryakozwe na ko cyangwa n'abandi bahanga kiyambaje.

L'employeur est tenu de garder à son service le travailleur présumé atteint d'usure prématurée jusqu'à la réception du rapport de la commission médicale attestant cette usure.

<u>Section 3</u>: <u>Pension</u> d'invalidité

Article 20

Outre les mentions prévues à l'article 17 du présent arrêté, le demandeur d'une pension d'invalidité doit déclarer:

- a) lorsque l'invalidité est consécutive à un accident pour lequel la responsabilité civile d'un tiers est engagée, l'identité de ce tiers;
- b) dans la mesure du possible, les pièces justificatives des rémunérations perçues au cours des soixante derniers mois d'assurance ou si le nombre de mois écoulés depuis son affiliation à la Sécurité Sociale est inférieur à ce chiffre, des rémunérations perçues depuis l'affiliation.

Article 21

La demande de pension d'invalidité doit être accompagnée d'un certificat établi par un médecin désigné ou agrée par le Gouvernement et qui indique, outre les renseignements relatifs à l'identité du demandeur:

a) si la diminution permanente, ou présumée permanente, des capacités physiques ou mentales du demandeur le rend inapte à gagner plus d'un tiers de la rémunération qu'un travailleur ayant la même formation peut se procurer par son travail;

Umukoresha ategetswe kurekera ku kazi umukozi uvugwaho ko ashaje imburagihe kugeza igihe aboneye raporo y'akanama k'abaganga kemeza ko ashaje.

Igice cya 3 : Pansiyo y'ubumuga

Ingingo ya 20

Usibye ibivugwa mu ngingo ya 17 y'iri teka, usaba pansiyo y'ubumuga agomba kumenyekanisha ibi :

- a) iyo ubwo bumuga buturuka ku byago byatewe n'undi muntu, ashyiraho ibiranga uwo muntu;
- b) agerageza gushyiraho ibyemezo by'imishahara yabonye mu mezi mirongo itandatu ya nyuma y'ubwiteganyirize cyangwa se iyo umubare w'amezi amaze mu Bwiteganyirize bw'Abakozi uri hasi y'uwo mubare, agatanga ibyemezo by'imishahara yabonye kuva aho yinjiriyemo.

Ingingo ya 21

Isaba rya pansiyo y'ubumuga rigomba kujyana n'icyemezo cya muganga washyizweho cyangwa se wemewe na Leta kandi, usibye ibyerekeye ibiranga usaba, gisobanurwamo ibi:

a) niba ubumuga budakira usaba pansiyo afite cyangwa akeka ko afite ku mubiri cyangwa ku bwenge butuma atashobora kubona kimwe cya gatatu cy'umushahara umukozi ufite ubushobozi nk'ubwe ashobora gunembwa iyo ari ku kazi;

- une maladie professionnelle ou si elle résulte d'un accident du travail et s'il ne s'agit pas d'un accident de travail, on précise la date de sa survenance;
- c) les examens auxquels le médecin a procédé ou fait procéder; dans ce cas, le médecin annexe au certificat les résultats d'analyses ou d'examens des spécialistes consultés;
- d) la description des affections ou lésions, séquelles ou infirmités dont le demandeur est atteint ainsi que la date présumée ê tre le début de l'incapacité conduisant à l'invalidité;
- de l'état de stabilisation de l'état de santé ou de la consolation des lésions;
- f) si l'invalidité a besoin de façon constante de l'aide et de soins d'une tierce personne pour accomplir les actes de la vie courante;
- permanence de l'invalidité, la date à laquelle le demandeur devra subir un examen de révision. Ces examens de révision devront obligatoirement avoir lieu tous les six mois jusqu'à la date de consolidation de la lésion ou de stabilisation de l'état de l'invalide.

- b) niba ubwo bumuga bwaratewe n'indwara ikomoka ku kazi cyangwa n'impanuka igakomokaho, iyo mpanuka idaturuka ku kazi, handikwa itariki yabereyeho;
- c) isuzumwa umuganga yakoze cyangwa se yakoresheje; icyo gihe umuganga yomeka ku cyemezo ibisubizo byerekeranye n'isuzuma yakoze cyangwa ryakozwe n'impuguke yiyambaje;
- d) imiterere y'indwara cyangwa ibikomere, ingaruka zabyo cyangwa ubumuga bwafashe usaba pansiyo n'itariki bakeka ko igabanuka ry'ubushobozi bwe ryabyaye ubwo bumuga ryatangiriyeho;
- e) itariki ubumuga bwarekeyeho kwiyongera cyangwa igihe ibikomere byoroheye;
- f) niba uwamugaye azakomeza gukenera inkunga cyangwa umuntu umwitaho kugira ngo ashobore kubaho;
- g) igihe batazi neza niba ubumuga azabugumana, itariki usaba pansiyo azajya akorerwaho isuzumwa ryo kureba uko ameze. Iryo suzumwa rigomba gukorwa buri mezi atandatu kugeza ku itariki uwamugaye akiriyeho cyangwa se abereyeho ikimuga burundu.

Section 4 : Pensions et allocations de survivants

1.1

Article 22

La demande de pension et d'allocation de survivants doit indiquer :

- 1. En ce qui concerne le travailleur décédé :
- a) ses nom, prénom et éventuellement surnom;
- b) ses lieu et date de naissance;
- c) son numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale, et le cas échéant le numéro de sa carte d'identité;
- d) les noms de ses père et mère;
- e) la date, le lieu et la cause du décès;
- f) si le décès est ou non consécutif à un accident pour lequel la responsabilité d'un tiers est engagée et, dans l'affirmative, l'identité de ce tiers;
- g) s'il bénéficiait d'une rente au titre de la réparation des risques professionnels et, dans l'affirmative, le numéro de la décision d'attribution de la rente;
- h) s'il bénéficiait d'une pension anticipée ou d'une pension d'invalidité et, dans l'affirmative, le numéro de la décision d'attribution de cette pension.

Igice cya 4 : Pansiyo n'amafaranga y'abo uwateqanyirijwe asize

Ingingo ya 22

Isaba rya pansiyo n'amafaranga y'abo uwateganyirijwe asize rigomba kwerekana ibi:

- 1. Ku byerekeye umukozi wapfuye:
- a) amazina ye n'iry'irihimbano iyo arifite.
- b) aho yavukiye n'itariki yavutseho;
- c) inomero ye y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, byaba bishobotse inomero y'indangamuntu;
- d) amazina ya se na nyina;
- e) ahantu n'itariki yapfiriyeho n'impamvu z'urupfu rwe;
- f) niba urupfu rukomoka cyangwa rudakomoka ku mpanuka yatewe n'undi muntu, byaba ari byo, bakavuga umwirondoro w'uwo muntu;
- g) niba yabonaga amafaranga y'ibyago biturutse ku kazi, byaba ari byo, bagashyiraho i nomero z'i cyemezo cyamuheshaga ayo mafaranga.
- h) niba yabonaga pansiyo y'imburagihe cyangwa pansiyo y'ubumuga, byaba ari byo, bagashyiraho inomero z'icyemezo cyamuheshaga iyo pansiyo.

- 2. En ce qui concerne le conjoint survivant et les orphelins :
- a) les nom, prénom et surnom du conjoint survivant;
- b) ses date et lieu de naissance;
- c) la date et lieu du mariage;
- d) s'il bénéficie d'une pension de vieillesse ou d'invalidité ou d'une rente d'incapacité;
- e) les nom, prénom ou dénomination du représentant légal des orphelins;
- f)/les nom, prénom et date de naissance de chacun des orphelins ainsi que les noms des personnes ou des organismes qui en ont la charge;
- g) l'adresse à laquelle le bénéficiaire résidera lors de la première échéance de la pension ou au moment du versement de l'allocation.

Lorsqu'aucune demande de pension de vieillesse, de pension anticipée ou de pension d'invalidité n'a été introduite par le travailleur qui, au moment de son décès, aurait pu prétendre à l'une de ces prestations, la demande de pension ou d'allocation de survivants devra être complétée par :

- a) la date du début et de la fin de chacune des périodes de services accomplis par le travailleur;
- b) les nom, prénom ou dénomination des employeurs chez lesquels ces services ont été accomplis et le lieu où ils ont été effectués.

- 2. Ku byerekeye umupfakazi n'imfubyi uwapfuye asize :
- a) amazina y'umupfakazi n'irihimbano iyo arifite;
- b) aho yavukiye n'itariki yavutseho;
- c) itariki yashyingiriweho n'aho yashyingiriwe;
- d) niba yabonaga pansiyo y'ubusaza cyangwa y'ubumuga, cyangwa se amafaranga y'uko adashoboye gukora;
- e) amazina y'ushinzwe kurera imfubyi;
- f) amazina y'imfubyi n'igihe zavukiye ndetse n'amazina y'abantu cyangwa imiryango izishinzwe;
- g) aho nyir'ubwite azashakirwa bamugezaho amafaranga ya pansiyo bwa mbere, cyangwa se ayo bamuha incuro imwe;

<u>Ingingo ya 23</u>

Iyo umukozi apfuye atarigeze yohereza impapuro zisaba pansiyo y'ubusaza, pansiyo y'imburagihe cyangwa pansiyo y'ubumuga, kandi yagombaga kubona imwe muri izo, isaba rya pansiyo cyangwa amafaranga y'abo asize ryongerwaho ibi:

- a) itariki itangira n'ihera buri gihe yakoraga;
- b) amazina y'abakoresha yagiye akorera n'aho bakoreraga;

Lorsqu'il est fait application de l'article précédent, le demandeur est tenu de joindre à la demande de pension ou d'allocation tous les documents permettant de faire la preuve de l'état d'invalidité ou d'usure prématurée dans lequel se trouvait le travailleur avant son décès.

1

Article 25

L'autorité compétente certifie :

- 1. l'exactitude des déclarations du demandeur en ce qui concerne :
- a) l'identité du travailleur décédé, le lieu et la date du décès, et le numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale;
- b) l'identité du demandeur et des orphelins au bénéfice desquels la pension ou l'allocation est demandée;
- c) la date et le lieu du mariage;
- que la veuve ou veuf était, au moment du décès, le conjoint non divorcé du travailleur;
- 3. que les enfants au bénéfice desquels la pension ou l'allocation est demandée :
- a) étaient réellement à charge du défunt;
- b) étaient :
 - les enfants légitimes de l'assuré;
 - ou des enfants adoptés légalement par lui;
 - ou des enfants naturels reconnus par lui

Ingingo ya 24

Iyo hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ibanza, usaba amafaranga y'ubwiteganyirize agomba komeka ku mpapuro zisaba pansiyo cyangwa andi mafaranga atangwa rimwe gusa mu bwiteganyirize inyandiko zemeza uko ubumuga cyangwa ubusaza bw'imburagihe bwari bumeze mbere y'uko uwo mukozi apfa.

Ingingo ya 25

Umutegetsi ubishinzwe yemeza:

- 1. ukuri kw'ibyo usaba amafaranga y'ubwiteganyirize yavuze ku byerekeye :
- a) ibiranga umukozi wapfuye, aho yapfiriye, itariki na nomero ye mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- b) ibiranga usaba cyangwa imfubyi zisabirwa pansiyo cyangwa ayandi mafaranga y'ubwiteganyirize atangwa rimwe gusa;
- c) itariki n'aho yashyingiriwe;
- ko igihe cy'urupfu, umupiakazi yabanaga n'umukozi wateganyirijwe;
- 3. ko abana bakirwa pansiyo cyangwa andi mafaranga y'ubwiteganyirize:
- a) bari batunzwe n'uwapfuye;
- b) ari :
 - abana bemewe n'amategeko b'uwo wateganyirijwe;
 - cyangwa abana yemeye kurera imbere y'amategeko;
 - cyangwa abana yabyaye ahandi ariko akabemera

conformément au droit civil;

- c) sont célibataires;
- d) s'ils sont âgés de plus de 18 ans, sont en apprentissage ou poursuivent leurs études dans un établissement de plein exercice, ou sont incapables d'exercer une activité professionnelle quelconque en raison de leur état d'incapacité physique ou mentale;
- 5. qu'à sa connaissance, le travailleur n'est pas décédé des suites d'un accident de travail ou d'une maladie professionnelle.

CHAPITRE VII.

DE LA NOTIFICATION DES DECISIONS.

Article 26

Dans un délai de 60 jours, les décisions accordant ou refusant les prestations sont notifiées par écrit au demandeur, soit directement à l'intéressé, soit par l'intermédiaire de l'autorité locale compétente, à qui une copie des documents adressés au demandeur est alors destinée.

Article 27

Les décisions accordant une pension, une rente ou une allocation doivent obligatoirement comporter les renseignements suivants:

- a) les nom, prénom et surnom de l'assuré ainsi que son numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale;
- b) les nom, et prénom du béné: le la ire de la prestation;

hakurikijwe amategeko mbonezamubano;

- c) bakiri ingaragu;
- d) iyo barengeje imyaka 18, niba biga umwuga cyangwa bari mu kigo cy'amashuri, cyangwa se badashoboye gukora akazi ako ari ko kose kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe;
- ko uko abizi, umukozi atishwe n'impanuka z'akazi cyangwa indwara ikomoka ku kazi.

UMUTWE WA VII.

IBYEREKEYE IMENYESHA RY'IBYEMEZO BYAFASHWE.

Ingingo ya 26

Mu gihe cy'iminsi 60, ibyemezo bitanga cyangwa byimana amafaranga y'ubwiteganyirize bimenyeshwa uwasabye mu nyandiko ashyikirijwe we ubwe, cyangwa se inyujijwe ku mutegetsi w'akarere ubishinzwe, bakamugenera icyo gihe kopi y'ibyo byemezo.

Ingingo ya 27

Ibyemezo bitanga pansiyo cyangwa andi mafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi bigomba kwerekana ibi:

- a) a mazina y'umukozi n'irihimbano rye hamwe n'inomero ye mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- b) amazina y'ugomba gufata ayo mafaranga;

- c) la nature de la prestation octroyée;
- d) le numéro de la décision d'attribution;
- e) le montant mensuel de la pension ou de la rente, ou le montant de l'allocation unique;
- f) la date de prise d'effet de la pension ou de la rente;
- g) éventuellement la date de révision;
- h) la périodicité des paiements.

Les décisions refusant une prestation doivent comporter obligatoirement les indications suivantes :

- a) les nom, prénom et surnom du travailleur ainsi que son numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale;
- b) les nom et prénom du demandeur de la prestation;
- c) la nature de la prestation refusée;
- d) le numéro de la décision;
- e) les raisons motivant le refus de la prestation.

Article 29

Les décisions d'attribution et les décisions de refus doivent obligatoirement mentionner les voies de recours ouvertes au demandeur et préciser les formes et délais dans lesquels les recours doivent être introduits.

- c) icyo ayo mafaranga atangiwe;
- d) inomero y'icyemezo kiyamuha;
- e) umubare wa buri kwezi w'amafaranga ya pansiyo cyangwa ay'ibyago cyangwa se uw'ayo batanga rimwe gusa;
- f) itariki pansiyo cyangwa amafaranga y'ibyago atangiriraho gutangwa;
- g) igihe azasubirwamo, bibaye ngombwa;
- h) ibihe by'uko azajya atangwa.

Ingingo ya 28

I by e m e z o by i m a na amafaranga bigomba kwerekana ibi:

- a) a mazina y'umukozi n'irihimbano rye hamwe n'inomero ye mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi;
- b) amazina y'usaba amafaranga;
- c) amafaranga yimanwa ayo ari yo;
- d) inomero y'icyemezo;
- e) impamvu ziyamwimishije.

<u>Ingingo ya 29</u>

Ibyemezo bitanga amafaranga n'ibiyimana bigomba kwerekana aho usaba ashobora kurega, bikerekana kandi uburyo n'igihe ntarengwa ibirego bigomba gutangwa.

DU AL INI

Art

et d'. re pa

l' tr tc me

38 19 Sé

ã,

b)

C

d

C

0 s d 1

13

CHAPITRE VIII.

(-1

DU PAIEMENT DES PENSIONS, ALLOCATIONS, RENTES ET INDEMNITES.

Article 30

Les pensions de vieillesse et d'invalidité, les rentes d'incapacité et les pensions et rentes de survivants sont payées à terme échu, à l'expiration de chaque trimestre civil. Elles peuvent toutefois être payées mensuellement dans les conditions visées à l'article 36 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale.

Les arrérages sont payés :

- a) par assignation postale;
- b) par les soins de l'autorité compétente;
- c) par les employeurs qui acceptent d'assurer ces paiements;
- d) a défaut, par tout autre moyen susceptible d'être utilisé.

Le Conseil d'Administration de la Caisse Sociale décide du ou des modes de paiement qui seront employés, le choix étant dicté par l'intérêt des bénéficiaires.

Article 31

Les prestations sont payées aux bénéficiaires ou à leurs mandataires en ce qui concerne les pensions de vieillesse et d'invalidité, les rentes et allocations de veuves ou veufs. En ce qui concerne les pensions, rentes et allocations d'orphelins mineurs non émancipés, ces prestations sont

UMUTWE WA VIII.

I B Y E R E K E Y E I T A N G WA RY'AMAFARANGA YA PANSIYO, AY'IBYAGO BITURUTSE KU KAZI N'AY'INDISHYI.

Ingingo ya 30

Amafaranga ya pansiyo y'ubusaza, ay'ubumuga, ay'uko adashoboye gukora hamwe na pansiyo n'amafaranga y'ibyago ahabwa abo uwateganyirijwe asize yishyurwa igihe kigeze bakurikije uko buri gihembwe cy'umwaka kirangiye. Ariko ashobora kwishyurwa buri kwezi hakurikijwe uburyo buteganywa mu ngingo ya 38 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Amafaranga atarishyuriwe igihe atangwa bayanyujije :

- a) mu iposita;
- b) ku mutegetsi ubigenewe;
- c) ku bakoresha bemeye kuyashyikiriza bene yo;
- d) byaba bidashobotse, bakareba ubundi buryo bushobora gukoreshwa.

Inama y'Ubutegetsi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi igena uburyo bwo kwishyura ayo mafaranga bigakorwa hakurikijwe uburyo bworoheye abayagenewe.

Ingingo ya 31

Amafaranga ya pansiyo y'ubusaza n'iy'ubumuga, n'amafaranga y'ibyago biturutse ku kazi yagenewe abapfakazi afatwa na ba nyirayo cyangwa intumwa zabo. Naho ayagenewe imfubyi zitarakura bayaha uzirera cyangwa intumwa y'uwo muntu cyangwa icyo kigo.

rsées à la personne ou à l'organisme qui assure ffectivement la garde et l'entretien des enfants ou à son mandataire.

rticle 32

Lorsque les prestations ont payées par le délégué de la Caisse Sociale ou par l'intermédiaire d'un employeur, la Caisse Sociale adresse au ayeur un bordereau en double exemplaire comportant les références des bénéficiaires de prestations et, simultanément, la provision nécessaire au paiement des prestations.

Dans le mois qui suit la réception de ces documents, le delégué de la Caisse Sociale ou l'employeur adresse en retour, au siège de la Caisse Sociale un exemplaire du bordereau portant les acquits des paiements effectués et les montants des prestations qui n'ont pas été payées. Un autre exemplaire du bordereau est conservé par le payeur, à titre de justification.

Dans le même temps, le délégué de la Caisse Sociale ou de l'employeur reverse au compte de la Caisse Sociale désigné par celle-ci la somme correspondant au montant des prestations impayées.

Article 33

L'indemnité journalière et les soins médicaux d'urgence nécessités par l'état d'une victime d'accident du travail sont avancés par l'employeur et remboursés ensuite par la Caisse Sociale pour la part qui lui incombe.

<u>Ingingo ya 32</u>

Iyo amafaranga atangwa n'uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyangwa se akanyuzwa ku mukoresha, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yoherereza icyarimwe uyatanga impapuro ebyiri zanditseho ibyangombwa by'abayagenewe hamwe n'amafaranga yose agomba gutangwa.

Mu kwezi gukurikira igihe baboneye izo mpapuro, uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyangwa umukoresha ayigarurira urupapuro rwerekana amafaranga yatanzwe n'ibimenyetso bibyemeza hamwe n'atatanzwe. Uwatanze amafaranga asigarana urundi rupapuro rwerekana ko ayo mafaranga yatanzwe cyangwa atatanzwe.

Icyo gihe, uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi cyangwa umukoresha asubiza amafaranga yasigaye kuri konti yamenyeshejwe n'iyo Sanduku.

Ingingo ya 33

Amafaranga akenewe ku munsi hamwe n'imiti igomba kuvura uwagize impanuka ku kazi, atangwa n'umukoresha, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ikamusubiza ayo igenewe kumutangaho.

Dŀ

Art

ré: do: à

ré pr

a)

b)

c)

<u>A:</u>.

S

 \subset

pe re

> t: D

d

D.

c d l é c

U

CHAPITRE IX.

DES DISPOSITIONS COMMUNES AUX PENSIONS ET RENTES.

Article 34

Tout changement de résidence d'un bénéficiaire loit être signalé par celui-ci la Caisse Sociale.

L'avis de changement de fésidence devra notamment préciser :

) les nom et prénom du bénéficiaire;

 le numéro de la décision d'attribution et la prestation qui lui a été délivrée;

c) l'adresse de l'ancienne et de la nouvelle résidence.

rticle 35

L'agent de liaison de la laisse Sociale est tenu de suivre régulièrement la situation des bénéficiaires de pension et de rentes de son ressort.

À la fin de chaque trimestre, il fait parvenir au Directeur de la Caisse Sociale in rapport des bénéficiaires décèdés au cours de cette période.

En ce qui concerne les probelins mineurs bénéficiaires l'une pension ou d'une rente, l'agent de liaison doit egalement mentionner sur le locument prévu à l'alinéa précédent, le tuteur à qui cette prestation est versée.

A PARTY TO THE STATE OF THE STA

UMUTWE WA IX.

IBYERKEYE AMATEGEKO RUSANGE AREBA AMAFARANGA YA PANSIYO N'AY'IBYAGO BITURUKA KU KAZI.

<u>Ingingo ya 34</u>

14

Iyo uhabwa amafaranga yimutse abimenyesha Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Icyemezo cy'uko yimutse kigomba kwerekana cyane cyane ibi :

- a) amazina y'uhabwa amafaranga;
- b) inomero z'icyemezo kimuhesha amafaranga yahawe;
- c) aho yari atuye n'aho yimukiye.

Ingingo ya 35

Uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ategetswe gukurikira buri gihe imibereho y'abahabwa amafaranga ya pansiyo n'ay'ibyago bituruka ku kazi bo mu karere ashinzwe.

Iyo buri gihembwe kirangiye, yoherereza Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi inyandiko igaragaza abahabwaga amafaranga ya pansiyo y'ubusaza cyangwa se y'ubumuga bapfuye.

Ku bana b'imfubyi batarakura bagenerwa amafaranga ya pansiyo cyangwa amafaranga yo kubafasha kubera ibyago byaturutse ku kazi, uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi agomba kongera kunyandiko yavuzwe mu gika kibanza, amazina y'ubarera ugomba kuyahabwa.

i. Le document prévu à l'article 35 du présent arrêté doit mentionner :

14

- a) les références et qualités de l'autorité qui l'établit;
- b) les nom, prénom et surnom du bénéficiaire de la rente ou pension;
- c) les noms de ses père et mère;
- d) son numéro d'immatriculation à la Sécurité Sociale et le cas échéant, le numéro de sa carte d'identité;
- e) le numéro de la décision d'attribution de la pension ou de la rente;
- f) la date de son établissement.
- 2. Si le document est établi au nom d'une veuve ou d'un veuf bénéficiaire, l'agent de liaison précise en outre si cette personne est ou non remariée.
- 3. Le document établi au nom d'un orphelin devra être accompagné, pour chaque enfant de plus de 18 ans, d'un certificat établissant qu'il est apprenti, qu'il suit les cours d'un établissement de plein exercice ou qu'il est incapable d'exercer une activité professionnelle quelconque en raison de son état d'incapacité physique ou mentale.

Inqingo ya 36

- 1. Inyandiko ivugwa mu ngingo ya 35 y'iri teka igomba kwerekana ibi :
- a) umwirondoro w'umutegetsi uyitanze n'icyo akora;
- b) amazina y'ugomba gufata ayo mafaranga;
- c) amazina ya se na nyina;
- d) inomero ye mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, byaba ngombwa na nomero y'ibimuranga;
- e) inomero z'ibyemezo bimuhesha amafaranga ya pansiyo cyangwa ay'ibyago bituruka ku kazi;
- f) itariki iyo nyandiko ikoreweho.
- Niba iyo nyandiko ikorewe umupfakazi, uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi asobanura neza niba uwo mupfakazi yarongeye gushaka.
- Inyandiko ikorewe imfubyi igomba guherekezwa kuri buri mwana urengeje imyaka 18, n'icyemezo cy'uko yiga umwuga, akurikira amashuri mu kigo gisanzwe kigisha cyangwa se ko adashoboye gukora akazi ako ari ko kose kubera ko afite ubumuga bw'umubiri cyangwa se bwo mu mutwe.

1

10

1

60

Les pensions de vieillesse et d'invalidité, ainsi que les pensions de survivants, cessent d'être attribuées à compter du premier jour du mois suivant colui au cours duquel les conditions requises pour leur attribution ne sont plus reunies.

Elles reprennent cours à compter du premier jour du mois suivant celui au cours duquel ces conditions sont à nouveau réunies.

Article 381

Le droit aux pensions, rentes et allocations de vieillesse, d'invalidité, d'incapacité ou de survivants est prescrit par 5 ans.

Le délai de prescription court à partir du premier jour du mois qui suit celui au cours du quel les conditions nécessaires à l'attribution des prestations ont été réunies.

Les arrérages des pensions et rentes ne sont pas versés pour une période antérieure excédant 12 mois.

Article 39

La prescription est interrompue sur demande adressée à la Caisse Sociale et enregistrée par elle ou par une réclamation écrite, envoyée à la Caisse Sociale, sous pli recommandé.

Il en est de même de toute demande ou réclamation pour laquelle le demandeur pourra etablir qu'elle a été effectivement remise à la Caisse Sociale.

Article 37

14

Pansiyo y'ubusaza n'iy'ubumuga, na pansiyo z'abo uwateganyirijwe asize zihagarikwa gutangwa uhereye ku munsi wa mbere ukurikira ukwezi ibyangombwa byo kuzitanga bitujujwemo.

Yongera gutangwa uhereye ku munsi wa mbere w'ukwezi gukurikira uko ibyangombwa byongeye kubonekamo.

Ingingo ya 38

Uburenganzira bwo kubona amafaranga ya pansiyo y'ibyago biturutse ku kazi, y'ubusaza, ay'ubumuga cyangwa ayo bagenera abo uwateganyirijwe asize bukurikiranwa mu gihe kitarenze imyaka 5.

Iryo kurikiranwa ritangira kuva ku munsi wa mbere ukurikira ukwezi ibyangombwa byose byabonekeyeho kugira ngo bayatange.

Amafaranga ya pansiyo cyangwa ay'ibyago biturutse ku kazi ataratanzwe kubera isaba ryatinze ntabwo yishyurwa iyo birenze amezi 12.

Ingingo ya 39

Iryo kurikiranwa risubirwaho iyo bandikiye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw' Abakozi mu buryo bushinganywe.

Bigenda bityo kandi iyo usaba agaragaje ko inyandiko y'ibyo asaba cyangwa abaza yohererejwe Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

p

1

Ì

di

n

En cas de décès d'un bénéficiaire d'une indemnité journalière ou d'une rente d'incapacité, les autres prestations non liquidées sont payées à la veuve ou veuf de la victime ou à défaut aux crphelins ou aux ascendants bénéficiaires d'une rente de survivants.

CHAPITRE X.

DES DISPOSITIONS PARTICULIERES AUX RENTES.

Article 41

En cas de guérison d'une victime d'accident du travail ou de maladie professionnelle pendant le délai de révision prévu à l'article 29 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité sociale, la rente d'incapacité cesse d'être attribuée à compter du premier jour qui suit celui à partir duquel la guérison a été constatée.

Lorsque, pendant le délai de révision, l'incapacité permanente de la victime devient inférieure de 15 %, la rente d'incapacité c e s se d'être attribuée à compter du premier jour du mois qui suit celui à partir duquel la diminution a été constatée. Il est alors versé à la victime une allocation d'incapacité égale 3 fois le montant annuel

Iyo uwahabwaga amafaranga ya pansiyo y'ubusaza cyangwa y'ubumuga apfuye, amafaranga yagombaga kuba yarahawe ahabwa umupfakazi ufite uburenganzira ku mafaranga ahabwa abo uwateganyirijwe asize, yaba atariho agahabwa imfubyi asize cyangwa se ababyeyi bafite uburenganzira ku mafaranga ahabwa abo uwateganyirijwe asize.

Iyo uwahabwaga amafaranga ya buri munsi cyangwa ay'ibyago biturutse ku kazi apfuye, andi mafaranga atahawe ahabwa umupfakazi we cyangwa se imfubyi cyangwa ababyeyi be batite uburenganzira ku mafaranga ahabwa abo uwateganyirijwe asize.

UMUTWE WA X.

IBYEREKEYE AMATEGEKO YIHARIYE AREBA AMAFARANGA Y'IBYAGO BITURUTSE KU KAZI.

Iyo uwagize ibyago biturutse ku kazi cyangwa indwara igakomokaho akize mu gihe cyo kongera kwisuzumisha nk'uko bivugwa mu ngingo ya 29 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi, amataranga yahabwaga ahagarikwa bahereye ku munsi wa mbere ukurikira uwo byagaragarijweho ko umurwayi yakize.

Iyo mu gihe cy'irindi suzumwa basanze ubumuga busigaye buri munsi y'ibice 15 ku ijana, amafaranga arahagarikwa kuva ku munsi wa mbere w'ukwezi ukurikira uwo iryo gabanuka ryagaragayeho. Icyo gihe amafaranga ahabwa umurwayi ni ay'umwaka wose bakubye gatatu, kandi hakurikijwe uko ubumuga bwe bungana.

de la rente correspondant à son nouveau degré d'incapacité.

Article 42

Le droit aux indemnités journalières d'accident du travail et aux allocations de frais funéraires est prescrit par 12 mois.

Le délai de prescription court à compter du jour de l'accident ou de la constatation de la maladie professionnelle en ce qui concerne les indemnités journalières et à compter de la date du décès de la victime, pour ce qui est de l'allocation de frais funéraires.

CHAPITRE XI.

DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES.

Article 43

Les employeurs sont tenus de fournir sur demande de la Caisse Sociale tous les renseignements utiles relatifs à la main-d'oeuvre qu'ils occupent.

Article 44

Les formulaires dont l'usage est prescrit par le présent arrêté, sont arrêtés par le Ministre ayant la Sécurité Sociale et sont délivrés par la Caisse Sociale du Ewanda.

Sont exemptés des formalités prévues à l'article 2 du présent arrêté les employeurs déjà immatriculés auprès de la Caisse Sociale.

Article 45

Toutes dispositions réglementaires contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 42

Uburenganzira bwo kubona amafaranga ya buri munsi y'impanuka z'akazi n'ayo batanga yerekeye ihambwa bukurikiranwa mu mezi 12 gusa.

Ubwo burenganzira butangira gukurikizwa uhereye ku munsi wa mbere w'impanuka cyangwa se indwara yagaragariyeho ku byerekeye amafaranga atangwa buri munsi no guhera ku itariki umuntu yapfiriyeho iyo ari ibyerekeye amafaranga akoreshwa mu ihamba.

CHAPITRE XI.

IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA.

Ingingo ya 43

Abakoresha bagombakoherereza Isandukuy'Ubwiteganyirize bw'Abakozi ibyangombwa byose byerekeye abakozi bakoresha iyo ibibasabye.

Ingingo ya 44

Imiterere y'impapuro zabigenewe zigomba gukoreshwa nk'uko biteganijwe n'iri teka, ishyirwaho na Minisitiri ushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi, zigatangwa n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Ibiteganywa mu ngingo ya 2 y'iri teka ntibireba abakoresha basanzwe banditse mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

Article 45

Andi mategeko yose anyuranye n'iri teka avuyeho.

Notre Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle et Notre Ministre de la Santé Publique et des Affaires Sociales sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 47

Le présent arrêté entre en application trois mois après sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kıgali, le 21 décembre 1987

HABYARIMANA Général-

1 4

Le Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle,

HABIYAKARE

Le Ministre de la Santé Publique et des Affaires Sociales,

Dr. BIZIMUNGU

<u>Ingingo ya 46</u>

Minisitiri Wacu w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi na Minisitiri Wacu w'Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage bashinzwe kubahiriza iri teka.

<u>Ingingo ya 47</u>

Iri teka ritangira gukurikizwa nyuma y'amezi atatu akurikira igihe ritangajweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 21 Ukuboza 1987

Juvénal Major

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi

François

Minisitiri w'Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage

Casimir

Þ

S

D

S

L(

O.

A

Ri

D:

S)

6

a de

mr er

Ar

d i

or Sc sc

SI

a)

(cf

LOI N° 32/1988 DU 12 OCTOBRE 1988 MODIFIANT ET COMPLETANT LE DECRET-LOI DU 22 AOUT 1974 PORTANT ORGANISATION DE LA SECURITE SOCIALE

Nous, HABYARIMA Juvénal, Président de la République,

LE CONSEIL NATIONAL DE DEVELOPPEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE:

Le Conseil National de Développement, réuni en sa séance du 13 septembre 1988,

Vu la Constitution spécialement en ses articles 63, 65, alinéa premier, 67 et 69;

Revu le Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale, tel que modifié à ce jour, spécialement en ses articles 28, 32, 33, 34 ct 39,

ADOPTE :

Article premier

L'article 28 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale est modifié comme suit:

"Sont considérés comme survivants :

- a) la veuve ou le veuf non divorcé a la condition que le mariage soit antérieur à la date de l'accident ou, s'il est postérieur, qu'il ait eu lieu six mois au moins avant le décès;
- b) les enfants à charge de la victime tels qu'ils sont

ITEGEKO N° 32/1988 RYO KU WA 12 UKWAKIRA 1988 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO-TEKA RYO KU WA 22 KANAMA 1974 RIGENGA UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI

TWEBWE, HABYARIMANA Yuvenali, Perezida wa Repubulika,

INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYAMBERE YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA:

Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere, mu nteko yayo yo ku wa 13 Nzeli 1988,

Ishingiye ku Itegeko-Nshinga, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 63, iya 65, igika cya mbere, iya 67 n'iya 69;

Isubiye mu Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974, rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 28, iya 32, iya 33, iya 34, n'iya 39,

YEMEJE :

Ingingo ya mbere

Ingingo ya 28 y'Itegeko-teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi ihinduwe itya:

"Abashobora guhabwa amafaranga iyo uwiteganyirije yapfuye ni aba:

- a) umupfakazi asize, iyo apfuye bakiri kumwe kandi bakaba barashyingiranywe mbere y'ibyago bimuhitanye cyangwa se bakaba bamaranye nibura amezi atandatu;
- b) abana bari bagizwe na nyakwigendera nk'uko bivugwa

définis à l'article 33, alinéa 2;

c) les ascendants directs ou les parents adoptifs à charge de la victime.

Les rentes de survivants sont fixées en pourcentage de la rémunération servant de base au calcul de la rente d'incapacité permanente, à raison de :

- 30 pour cent pour la veuve ou le veuf;
- 15 pour cent pour chaque orphelin de père ou de mère;
- 20 pour cent pour chaque orphelin de père et de mère;
- 10 pour cent pour chaque ascendant direct ou parent adoptif à charge.

Toutefois, le montant total des rentes auxquelles ont droit les survivants de la victime ne peut dépasser le montant de la rente d'incapacité totale à laquelle celle-ci avait ou aurait eu droit.

Si le total des rentes calculées conformément aux dispositions du présent article devait dépasser cette limite, chacune des rentes serait réduite en proportion. Cette réduction n'est pas définitive.

Le droit à la rente de veuve ou de veuf s'éteint en cas de remariage".

Article 2

L'article 32 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale est modifié comme suit:

"Le montant de la pension de vieillesse ou d'invalidité, de la pension anticipée et de l'allocation de vieillesse est fixé en fonction de la rémunération mensuelle moyenne définie comme la trente sixième

mu ngingo ya 33, igika cya 2;

c) ababyeyi b'uwapfuye cyangwa abagizwe abe n'amategeko bafashwaga na we.

Amafaranga afasha abo nyakwigendera asize bayagena bakurikije igihembo cy'ishingiro baheraho babara amafaranga y'abatagishoboye akazi, azatangwa atya:

- -30 ku ijana ahabwa umupfakazi;
- 15 ku ijana ahabwa buri mwana udafite se cyangwa nyina;
- 20 ku ijana ahabwa umwana udafite se na nyina;
- 10 ku ijana ahabwa buri mubyeyi we bwite cyangwa uwagizwe uwe n'amategeko yafashaga.

Ariko amafaranga agomba guhabwa abo nyakwigendera asize ntagomba kurenga ayo yabonaga cyangwa se yagombaga kuzabona mu gihe afite ubumuga bumubuza kugira icyo akora cyose.

Iyo umubare w'amafaranga yose abazwe nk'uko biteganywa muri iyi ngingo arenze urwo rugero, bagabanya ku bice byose by'atangwa bagereranije uko asumbana. Iryo gabanya ntabwo riba burundu.

Amafaranga yagenewe umupfakazi ntaba agitanzwe iyo yongeye gushyingirwa".

Ingingo ya 2

Ingingo ya 32 y'ItegeKoteka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi ihinduwe itya:

"Umubare w'amafaranga ya pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga cyangwa y'imburagihe, ushyirwaho bakurikije umushahara ngereranyo wa buri kwezi basobanura ko ari igice kimwe cya mirongo itatu na

ou la soixantième partie du total des rémunérations perçues au cours des trois ou cinq dernières années précédant la date d'admissibilité à la pension, le choix étant dicté par l'intérêt de l'assuré.

Toutefois, si les trois ou cinq dernières années précédant la date d'admissibilité à la pension n'ont pas été couvertes par l'assurance, la rémunération mensuelle moyenne est définie comme la trente sixième ou la soixantième partie des rémunérations perçues au cours des trois ou cinq dernières années civiles précédant la date de cessation d'activité salariée.

Si le nombre de mois civils écoulés depuis l'affiliation est inférieur à trente-six, la rémunération mensuelle moyenne s'obtient en divisant le total des rémunérations depuis l'affiliation par le nombre de mois civils compris entre cette date et celle d'admissibilité à la pension ou celle de cessation d'activité salariée.

Pour le calcul du montant de la pension d'invalidité, les années comprises entre l'âge de cinquante cinq ans et l'âge effectif de l'invalide à la date où la pension d'invalidité prend effet, sont assimilées à des périodes d'assurances à raison de six mois par année.

Le montant mensuel de la pension de vieillesse ou d'invalidité ou de la pension anticipée est égal à 30 pour cent de la rémunération mensuelle moyenne de l'assuré. Si le total des mois d'assurance et des mois assimilés dépasse cent quatrevingts, le pourcentage est majoré d'un pour cent pour chaque période d'assurance ou assimilée de douze mois au-delà

gatandatu cyangwa icya mirongo itandatu cy'imishahara yose iba yaratanzwe mu gihe cy'imyaka itatu cyangwa itanu ya nyuma ibanziriza itariki bemereyeho pansiyo y'uwateganyirijwe, muri iyo migabane yombi bamuhitiramo umunini.

Nyamara iyo mu gihe cy'imyaka itatu cyangwa itanu ibanzīriza itarikī bemereweho pansiyo uwateganyirijwe atayikozemo, umushahara ngereranyo wa buri kwezi ungana n'igice kimwe cya mirongo itatu na gatandatu cyangwa se icya mirongo itandatu cy'imishahara yose aba yarahembwe mu gihe cy'imyaka itatu cyangwa itanu ya nyuma ibanziriza itariki uwateganyirijwe yahagarikiyeho akazi yahemberwaga.

Iyo umubare w'amezi umukozi amaze mu bwiteganyirize bw'Abakozi uri hasi ya mirongo itatu n'atandatu, umushahara ngereranyo w'ukwezi bawubona bagabanyije imishahara yose yatanzwe kuva aho yinjiriye mu bwiteganyirize bw'Abakozi n'umubare w'amezi ari hagati y'iyo tariki n'iyo yemereweho pansiyo.

Ku byerekeye ibara ry'amafaranga ya pansiyo y'ubumuga, imyaka iri hagati y'igihe ubumuga bwahereye n'umwaka wa mirongo itanu n'itanu, ifatwa nk'ibihe by'ubwiteganyirize ariko bakabara amezi atandatu mu mwaka.

Amafaranga ya buri kwezi ya pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga, cyangwa y'imburagihe angana na 30 ku ijana by'umushahara ngereranyo w'ukwezi w'uwateganyirijwe. Iyo igiteranyo cy'amezi yose y'ubwiteganyirize n'amezi yose afatwa nk'ay'ubwiteganyirize aruta amezi ijana na mirongo inani, amafaranga atangwa yongerwaho rimwe ku ijana kuri buri gihe cy'amezi cumi n'abiri

de cent quatre-vingts mois.

Le montant mensuel de la pension de vieillesse ou d'invalidité et de la pension anticipée ne peut être inférieur à 50 pour cent de la remunération minimale globale correspondant à la durée légale de travail.

Le montant de l'allocation de vieillesse est égal à autant de fois la rémunération moyenne de l'assuré que celui-ci compte de périodes de douze mois d'assurance".

Article 3

L'article 33 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale est modifié comme suit:

"En cas de décès du titulaire d'une pension de vieillesse ou d'invalidité, ou d'une pension anticipée, ainsi qu'en cas de décès d'un assuré qui, à la date de son décès, remplissait les conditions requises pour bénéficier d'une pension de vieillesse ou d'invalidité ou qui, ayant cessé d'être assujetti à l'assurance pension, justifiait d'au moins cent quatre-vingts mois d'assurance, les survivants ont droit à une pension de survivant.

Sont considérés commo survivants:

a) la veuve ou le veuf non divorcés, à condition que le mariage ait été contracté six mois au moins avant la cessation d'activité pour les titulaires d'une pension de vieillesse, ou avant la

y'ubwiteganyirize cyangwa se gifatwa nka bwo birenze amezi ijana na mirongo inani.

Amafaranga ya buri kwezi ya pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga cyangwa y'imburagihe ntashobora kujya hasi ya 50 ku ijana y'umushahara fatizo wose w'ukwezi, uhwanye n'uwo bashobora gukorera mu gihe cy'akazi cyagenwe n'amategeko agenga imirimo.

Amafaranga ahabwa uwateganyirijwe ugeze mu zabukuru utujuje ibyangombwa byo guhabwa pansio, ahwanye n'umushahara ngereranyo w'uwateganyirijwe ukubwe n'incuro z'ibihe by'amezi cumi n'abiri ziri mu mezi yose y'ubwiteganyirize bwe".

Ingingo ya 3

Ingingo ya 33 y'Itegekoteka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi ihinduwe itya:

"Iyo uwafataga pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga cyangwa y'imburagihe apfuye, n'uwateganyirijwe wari ufite ibyangombwa bihagije kugira ngo abone pansiyo y'ubusaza cyangwa y'ubumuga cyangwa akaba yararetse guteganyirizwa ubusaza ariko afite amezi ijana na mirongo ina ni y'ubwiteganyirize agapfa, abo asize bagomba kubona pansiyo y'ubupfubyi.

Abitwa abo asize ni aba :

a) umupfakazi wari ukiri kumwe na nyakwigendera, ariko hashize amezi atandatu nibura ashyingiwe mbere yo kureka akazi ku bagenewe kubona pansiyo y'ubusaza cyangwa se mbere y'itariki

date à laquelle la pension d'invalidité est remplacée par la pension de vieillesse, pour les titulaires d'une pension d'invalidité;

b) les enfants à charge du défunt.

Sont considérés comme enfants à charge, les enfants célibataires, non salariés qui vivaient effectivement avec le défunt et étaient soit ses enfants légitimes, soit les enfants adoptés légalement par lui, soit les enfants naturels reconnus par l ui conformément au droit civil ou en vertu d'un jugement du tribunal compétent, à condition qu'ils soient âgés de moins de dix-huit ans ou de moins de vingt-cinq ans s'ils poursuivent leurs études dans un établissement de plein exercice, et sans limite d'âge s'ils sont incapables d'exercer une activité salariée en raison de leur état d'incapacité physique ou mentale.

Les enfants sont réputés vivre avec l'assuré au cas où la séparation résulte soit du fait qu'ils étaient pensionnaires d'un établissement scolaire, soit du fait que l'assuré exerçait son activité dans un endroit éloigné de la résidence de sa famille.

c) les ascendants directs ou files parents adoptifs à charge du défunt lorsque celui-ci meurt sans laisser de veuve ou veuf, ni enfant à charge.

Les pensions de survivants sont calculées en pourcentage de la pension de vieillesse ou d'invalidité ou de la pension anticipée à laquelle l'assuré avait ou aurait eu droit à la

pansiyo y'ubumuga isimburwa na pansiyo y'ubusaza ku bagenewe kubona pansiyo y'ubumuga;

b) abana bari batunzwe na nyakwigendera.

Abitwa abana batunzwe na nyakwigendera, ni abana b'ingaragu, badafata umushahara, koko kwa nyakwigendera, kandi bari abana be bwite cyangwa abana bagizwe abe n'amategeko cyangwa se abana yabyaye ahandi akabemera akurikije amategeko cyangwa binyuze mu rukiko rubigenewe, bapfa kuba bafite imyaka itageze kuri cumi n'umunani, cyangwa iyo bakurikira amashuri, imyaka itageze kuri makumyabiri n'itanu. Iyo badashobora gukora umurimo bahemberwa kubera ubumuga bwabo bw'umubiri cyangwa bw'ubwenge bafata pansiyo kugeza igihe bapfuye.

Abana bitwa ko babana n'uwateganyirijwe mu gihe batari hamwe na we kubera yuko uwateganyirijwe yakoraga umurimo we mu karere ka kure y'urugo rwe.

c) ababyeyi cyangwa abagizwe abe n'amategeko bari batunzwe na nyakwigendera iyo uwateganyirijwe apfuye adasize umugore, umugabo cyangwa abana.

Pansiyo y'abo nyakwigendera asize ibarwa bahereye ku ijanisha rya pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga cyangwa y'imburagihe uwateganyirijwe yabonaga

date de son décès à raison de :

- a) 50 pour cent pour la veuve ou le veuf;
- b) 25 pour cent pour chaque orphelin de père ou de mère et 40 pour cent pour chaque orphelin de père et de mère;
- c) 25 pour cent pour chaque ascendant direct ou parent adoptif lorsque l'assuré meurt sans laisser de veuve ou de veuf, ni d'enfant à charge.

Toutefois, le total des pensions de survivants ne peut excéder le montant de la pension à laquelle l'assuré avait ou aurait eu droit; si le total dépasse ledit montant, les pensions de survivants sont réduites proportionnellement. Cette réduction n'est pas définitive.

Le droit à la pension du conjoint survivant s'éteint en cas de remariage.

Les dispositions de l'article 30, alinéa 4, sont applicables par analogie".

Article 4

L'article 34 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale est modifié comme suit:

"Si l'assuré ne pouvait prétendre à une pension d'invalidité et comptait moins de cent quatre-vingts mois d'assurance à la date de son décès, la veuve ou le veur bénéficie d'une allocation de survivant, versée en une seule fois, d'un montant égal à autant de mensualités de la pension de vieillesse à laquelle l'assuré aurait pu

cyangwa yagombaga kuzabona ku itariki y'urupfu rwe kuri ubu buryo :

- a) umupfakazi abona 50 ku ijana;
- b) 25 ku ijana kuri buri mwana udafite se cyangwa nyina, 40 ku ijana kuri buri mwana w'imfubyi;
- c) 1yo uwateganyirijwe aptuye adasize umugore, umugabo cyangwa abana, buri mubyeyi we cyangwa uwagizwe uwe n'amategeko ahabwa umugabane wa 25 ku ijana.

Icyakora umubare w'amafaranga yose ya pansiyo y'abo nyakwigendera asize ntushobora kurenga ayo uwateganyirijwe yari kuzabona; iyo umubare urenze, pansiyo y'abo asize barayigabanya. Iryo gabanya ntabwo riba burundu.

Iyo umupfakazi yongeye gushaka, ububasha bwo gufata pansiyo ya nyakwigendera buvaho.

Ibiteganijwe mu ngingo ya 30, igika cya 4, birakurikizwa iyo bigenze bityo".

Ingingo ya 4

Ingingo ya 34 y'Itegekoteka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi ihinduwe itya:

"Iyo uwateganyirijwe adashobcra kubona pansiyo y'ubumuga kandi adafite byibura amezi ijana na mirongo inani y'ubwiteganyirize ku munsi apfuye, umupfakazi we bamuhera icyarimwe amafaranga y'ubupfakazi, umubare wayo bawubara bakurikije amezi yapansiyo y'ubusaza uwateganyirijwe yashoboraga guhabwa amaze amezi ijana na mirongo inani y'ubwiteganyirize

prétendre au terme de cent quatre-vingts mois qu'il avait accompli de périodes de six mois d'assurance à la date de son décès.

L'allocation de survivant à chaque orphelin est égale à la moitié de l'allocation de veuve ch de veuf sans que le montant total des allocations d'orphelin puisse dépasser deux tois celui de l'allocation de veuve ou de veuf.

L'allocation de survivant prévue au paragraphe 1 er du présent article est servie aux ascendants du défunt ou à ses parents adoptifs à raison de 50 % chacun au cas où l'assuré meurt sans laisser de veuve ou veuf, ni d'enfants à charge".

Article 5

L'article 39 du Décret-loi du 22 août 1974 portant organisation de la Sécurité Sociale est modifié comme suit:

"Le droit aux indemnités journalières d'accident et aux allocations funéraires est prescrit par douze mois.

Le droit aux pensions, rentes et allocations de vieillesse, d'invalidité, d'incapacité ou de survivants est prescrit par dix ans, outefois, les arrérages des rentes ou des pensions ne sont pas versés pour une periode anterieure excédant do,uze mois".

(countries (con))

Minho

bakawukuba n'incuro z'ibihe by'amezi atandatu biri mu mezi yose y'ubwiteganyirize kugeza ku munsi uwateganyirijwe yapfiriyeho.

Amafaranga ahabwa imfubyi angana n'icya kabiri cy'amafaranga y'ubupfakazi ariko amafaranga yose y'imfubyi ntashobora kurenga incuro ebyiri umubare w'amafaranga y'ubupfakazi.

Amafaranga y'ubupfakazi ateganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo agabanywa ababyeyi ba nyakwigendera cyangwa abagizwe ababyeyi be n'amategeko iyo apfuye nta mupfakazi cyangwa imfubyi asize; umwe muri bo abona icya kabiri cyayo".

Ingigo ya 5

Ingingo ya 39 y'Itegekoteka ryo ku wa 22 Kanama 1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi ihinduwe itya :

"Uburenganzira bwo kubona amafaranga asimbura umushahara bitewe n'impanuka z'akazi n'amafaranga yo guhamba bukurikiranwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri.

Uburenganzira bwo kubona amafaranga ya pansiyo y'ubusaza, y'ubumuga, y'ubushobozi buke n'ayo abo asize bukurikiranwa mu gihe kitarenze imyaka icumi; ariko amafaranga yerekeye ibyago umuntu yagiriye ku kazi cyangwa ya za pansiyo ataratangiwe igihe atangira kwishyurwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri abanziriza umunsi yasabiweho".

Les dossiers des assurés qui, à la date d'entrée en vigueur de la présente Loi, n'ont pas pu bénéficier des prestations normales faute de période d'assurance au cours des trois ou cinq dernières années précédant la date d'admissibilité à la pension, seront réexaminés suivant les dispositions de l'article 2 de la présente loi.

De même, les dossiers qui ont été rejetés pour cause de prescription de cinq ans seront réexaminés suivant les dispositions de l'article 5 de la présente loi.

Les assurés qui, pour les mêmes causes, n'avaient pas introduit leur demande sont autorisés à le faire pour autant que dix années ne soient écoulées depuis la date où ils pouvaient prétendre à la prestation concernée.

Article 7

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 12 octobre 1988

HABYARIMANA Général-

Le Ministre de la Fonction Publique et de la Formation Professionnelle <u>Ingingo ya 6</u>

Ku munsi iri tegeko ritangiriyeho gukurikizwa, amadosiye y'abateganyirijwe bari barasabye amafaranga y'ubwiteganyirize bemererwa n'amategeko, ariko bakaba batarayabonye kubera kubura ubwishingizi mu gihe c'imyaka itatu cyangwa itanu ya nyuma ibanziriza itariki yemereweho pansiyo y'uwateganyirijwe, azongera kwigwa hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 2 y'iri tegeko.

Amadosiye ba nyirayo bari baragejeje mu nzego zishinzwe ubwiteganyirize igihe cyo gukurikirana uburenganzira bwo k u b o n a a m a f a r a n ga y'ubwiteganyirize cy'imyaka itanu cyari cyemewe cyararenze, azongera na yo kwigwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 5 y'iri tegeko.

Naho abateganyirijwe batigeze basaba amafaranga y'ubwiteganyirize kubera impamvu zimwe n'izavuzwe mu bika bibanza bemerewe kuyasaba gusa mu gihe hadashize imyaka icumi kuva ku munsi nyawo yagombaga gusabirwaho kugera ku munsi iri tegeko ritangiriye gukurikizwa.

Ingingo ya 7

Iri tegeko rizatangira gukurikizwa ku munsi rizatangarizwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 12 Ukwakira 1988

Juvénal Major

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Iyigishwa ry'Abakozi

HABIYAKARE François

Vu et scellé du Sceau de la République

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika

Le Ministre de la Justice

Minisitiri w'Ubucamanza

5

MUGEMANA Jean Marie Vianney

ARRETE MINISTERIEL N° 031/05 DU 10 JANVIER 1989 PORTANT OCTROI DE LA QUALITE D'HUISSIER AUX AGENTS DE LA CAISSE SOCIALE DU RWANDA

Le Ministre de la Justice,

Vu le Décret-loi n° 09/80 du 07 juillet 1980 portant Code d'Organisation et de Compétence Judiciaire, spécialement en son article 79,

ARRETE:

Article premier

Ont qualité d'huissier, les personnes occupant les postes suivants à la Caisse Sociale du Rwanda:

- le Chef de Service des Affiliés;
- le Chef de Section Cotisations;
- le Chef de Section Contentieux et Inspection,
- Le Responsable de la Centralisation des activités des bureaux de liaison;
- les agents de liaison.

Article 2

Sont nommés en qualité d'huissier les agents de la Caisse Sociale du Rwanda dont les noms et prénoms sont repris ci-après:

- BUCYENDUHE Léonard:
- MPORE Jean Chrysostome;
- BAPFAKURERA Jean Bosco;
- KARURANGA Emmanuel.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 031/05 RYO KU WA 10 MUTARAMA 1989 RIHA UBUBASHA BWO KUBA INTUMWA Z'INKIKO, ABAKOZI BO MU ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE BW'ABAKOZI Y'U RWANDA

Minisitiri w'Ubucamanza,

Amaze kubona Itegeko-teka n° 09/80 ryo ku wa 07 Nyakanga 1980 rishinga Imitunganyirize n'Ububasha by'Inkiko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 79,

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere

Hahawe ububasha bwo kuba intumwa z'inkiko abantu bashinzwe imirimo ikurikira mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda:

- Umukuru w'Imirimo ireba Abiyandikishije;
- Umukuru w'igice cyerekeye Imisanzu;
- Umukuru w'igice cy'Imanza n'Ubugenzuzi;
- Ushinzwe guhuza imirimo y'ibiro by'uturere;
- abakozi bakuru bo mu biro by'uturere.

Ingingo ya 2

Hahawe ububasha bwo kuba intumwa z'inkiko abakozi bo mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda bafite amazina akurikira:

- BUCYENDUHE Lewonaridi;
- MPORE Yohani Kirizositomu;
- BAPFAKURERA Yohani Bosiko;
- KARURANGA Emanweli.

Les personnes et agents visés aux articles 1 et 2 ont qualité pour faire tous exploits aux employeurs débiteurs des prestations sociales envers la Caisse Sociale du Rwanda.

Leur compétence territoriale s'étend sur toute l'étendue de la République, à l'exception des agents de liaison dont la compétence s'étend sur le ressort du Tribunal de Première Instance où sont situés leurs bureaux respectifs.

Article 4

Le présent arrêté sort ses effets le jour de sa signature.

Kigali, le 10 janvier 1989

.....

MUGEMANA Jean

Ingingo ya 3

14

Abantu n'abakozi bavuzwe ku ngingo ya mbere y'iya 2 bafite ububasha bwo gukora inyandiko zose ku bakoresha barimo i m y e n d a y 'I s a n d u ku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda.

Bafite ububasha mu Rwanda hose, uretse abakozi bakuru bo mu biro by'uturere bafite ububasha bugarukira ku ifasi y'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rw'aho ibiro byabo biri.

Ingingo ya 4

Iri teka ritangira gukurikizwa rikimara gushyirwaho umukono.

Kigali, ku wa 10 Mutarama 1989 Marie Vianney